

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

ISHURI RITO RYA BIBILIYA

IGITABO MPUZAMAHANGA CYA KARINDWI

URUSHAKO N'UMURYANGO: IGICE CYA 2


Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

ISHURI RITO RYA BIBILIYA

IGITABO MPUZAMAHANGA CYA KARINDWI

URUSHAKO N'UMURYANGO: IGICE CYA 2

Imigwegwe Irindwi Iboheranya Urushako



Imigozi Irindwi y'Ubumwe

Iki ni igitabo cya kabiri cyo mu bitabo bibiri kiribukwibutse ibyo wumvise kuri radio byerekeye ku rushako n'umuryango. Niba udafite kopi y'igitabo cya mbere, banza uyishake mbere yuko usoma iki gitabo. Uraza gukunda cyane iki gitabo cya kabiri nubanza ugasoma icya mbere.

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

Kugira ngo ubashe gusobanukirwa ubutumwa tunyuzwa kuri radiyo ndetse n'ibi bitabo bibiri, ugomba kubanza kumenyaurugero cyangwa imfasha nyigisho yakoreshejwe kurema imiterere y'izi nyigisho. Nuko rero, ndagira ngo nsubiremo urwo rugero twavuze mu gitabo cya mbere. Nyuma yo kongera gusobanura uru rugero, ndakomereza aho igitabo cya mbere cyarangiriye.

Umukristo w'Umunyafurika yabaje ikintu cyiza cyane gisobanura umubano Imana yashakaga ubwo yaremaga umugabo n'umugore wa mbere ikabita “umubiri umwe.” Igihe uyu mukristo w'umunyabukorikori yabazaga iki kintu cyiza, yarimo kugaragaza uburyo burindwi umugabo n'umugore we babamo “umubiri umwe.”

Ikintu cye cyiza yabaje ni ikibazwa cy'umugabo n'umugore we. Bahuzwa n'imigozi itanu y'inyabubiri. Iyi migozi ibahuza nayo ihuzwa na buri umwe n'umugozzi uri ku mutwe wa buri umwe muri bo. Buri migozi muri iyi migozi yose uhagararira urwego rw'ubumwe Imana yagennye ko bagirana bombi. Imigozi iri ku mitwe yabo bombi ihagararira umubano wo mu mwuka muri umwe afitanye n'Imana. Kuba indi migozi yose ihurizwa muri iyi migozi ibiri bigaragaza ukuri ko umubano wabo wo mu mwuka ari wo rufatiro rw'inzeho z'ubumwe bwabo zose.

Umugozzi wa mbere w'inyabubiri uhagararira kuvugana, ari cyo gikoresho kibashoboza kubagarira no guteza imbere ubumwe bwabo. Umugozzi ukurikiraho ni uguhuza, ari cyo gihamya cy'ubumwe bwabo. Umugozzi wo hagati uhagararira urukundo, ari zo mbaraga z'ubumwe bwabo. Umugozzi w'urukundo ukurikirwa n'umugozzi wo gusobanukirwa, uhagararira gukura cyangwa iterambere ry'ubumwe bwabo. Umugozzi wa nyuma wo muri iyi migozi y'inyabubiri utuma baba umubiri umwe ni imibonano mpuzabitsina, ari cyo gikorwa kigaragaza umunezero w'ubumwe bwabo.

Kuba iyi migozi yose ari inyabubiri bigaragaza ukuri ko izi nzeho z'ubumwe zose, ari urujya n'uruza, cyangwa zigizwe no gutanga no kwakira hagati y'umugabo n'umugore we. Iyo uteranyije iyi migozi itanu ku migozi buri umwe afite ku mutwe we, umugozzi uhagararira umubano wo mu mwuka buri umwe agomba kugirana n'Imana, ubwo nibwo ugira imigozi irindwi y'ubumwe.

Inyigisho zacu z'amajwi zigisha ku rushako n'umuryango zubakiwe ku nzeho zirindwi z'urushako zigaragazwa n'imigozi irindwi ituma umugore n'umugabo we baba umubiri umwe. Muri ibi bitabo bibiri, ndagira ngo mbahe incamake y'ibyo wumvise muri izi nyigisho z'amajwi zigisha ku rushako n'umuryango.

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

Igice cya Mbere

Umugozzi wo Gusbanukirwa

Igihe nabaga ndimo kugira inama abashakanye mu myaka nakoraga umurimo w’ubushumba, hari ukwitotomba numvise inshuro nyinshi, kugira kuti: “Ntabwo anyumva.” Uku kudasobanukirwa cyangwa kutumva ni cyo cyatumaga aba bantu bashakanye batameranye neza baganiriza umushumba iberekeye ku rushako rwabo. Ubusobanuro bwacu bwo kumva cyangwa gusobanukirwa ni, “Amasezerano ya bombi akemura amakimbirane.” Ubundi busobanuro ni, “Ubwumvikane bwa bombi ku bitekerezo n’imigambi iganisha ku busesenguzi no koroherana.”

Intumwa Petero yategetse abagabo kubana n’abagore babo babazi, cyangwa basobanukiwe abagore babo. (1 Petero 3:7) Mugabo, umugorer wawe umuzi bingana iki? Aramutse agize impanuka y’ikinyabiziga maze abaganga bakaguhamagara ngo uze mu bitaro, baramutse bakubajije, bababwira ibyerekeye n’ubuzima bwe byose? Aramutse agize ikibazo mu marangamutima ye cyangwa ikibazo cyo mu mutwe, mbese abaganga wababwira amateka y’ubuzima bwe bwose? Ni byiza ko abagore nabo tubabaza ibibazo tubajije abagabo. Mugore, umugabo wawe umuzi bingana iki? Mbese muziranye bingana iki? Mbese ubundi muraziranye?

Mbese gusobanukirwa ni ingenzi bingana iki mu rushako? Gusobanukirwa ni ingenzi bingana iki mu bumwe bw’umugabo n’umugore? Ntabwo ntekereza ko twabishimangira akamaro ka byo mu buryo buhagije iyo abantu bahujwe n’Imana bashaka kubona icyo Imana yabateguriye ko babona mu rushako rwabo. Iyo abashakanye bombi, umuntu ku giti cye cyangwa bombi, bafitanye umubano n’Imana; iyo mu mubano wabo bavugana banezerewe, iyo bahuza, iyo bakundana, kandi bagasobanukirwana, ubwo ni bwo iyi migozi y’ubumwe ishyiraho itandukanro hagati yo kugira kubana n’umubano mwiza w’urushako Imana yagennye ubwo yagiraga umugabo wa mbere n’umugore wa mbere umubiri umwe.

Maze kugira inararibonye ryinshi cyane mbwiriza ubutumwa bwiza abagabo bari bafite indangagaciro zitubaha Imana mu buzima bwabo. Inshuro nyinshi nabwiye abagabo nti: “Tekereza ibintu byose umufasha wawe agukorera. Iyo uba uri umukire cyane, wakabaye ugura ibyo bintu byose. Wagura imibonano mpuzabitsina. Wanakwishyura umugore akakubyarira abana, ukishyura undi wabyize akabakurerera. Ariko ikintu kimwe ntashobora kugura ni umubano Imana yaremeye umugabo n’umugore we.

Nk’abanyamwuka, bashaka icyo umwuka na Bibiliya bivuga ku rushako n’umuryango, dutangira twemera ukuri ko Imana yaremeye urushako kugira ngo rube umubano. Twubaka uwo mubano, gusobanukirwana bigomba kuba rimwe mu matafari mwubakisha.

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

Umubano w'umuntu n'Imana, n'ukuntu uwo mubano ugindura ubugingo bwacu, ni urufatiro rw'ubumwe bwacu. Kuvugana ni cyo gikoresho dukoresha tubagarira ndetse duteza imbere ubumwe bwacu. Guhuza ni cyo gihamya cy'ubumwe bwacu. Urukundo rw'Imana nizo mbaraga zibeshaho ubumwe bwacu, kandi gusobanukirwana bizana gukura cyangwa gutera imbere k'ubumwe bwacu. Iyo dusobanukirwanye, twakubaka kandi tukabona umubano wacu.

Imyaka myinshi yashize, umuganga w'indwara zo mu mutwe w'Umusuwisi wari umukristo ukomeye, yanditse igitabo cyoza cyane cyitwa, "Gusobanukirwana." Mu nsanganyamatsiko z'ibice by'igitabo yanditse cyiza cyane, Dr. Paul Tounier atubwira ngo, kugira ngo dusobanukirwane cyangwa tumenyane, tugomga kwifuzza kumenyana; tugomba kugira imbaraga n'ubushake bwo kuvugana; tugomba kumenya itandukaniro riri hagati y'umugabo n'umugore; tugomba kumenya akamaro k'amateka, kandi tugomba kugira urwego rwo mu mwuka mu rushako rwacu.

Tekereza ibyago biterwa no kudasobanukirwana. Mu bice byinshi by'isi hari icyorezo cy'ubutane bwa burundu muri iki gihe. Mu bihugu byinshi no mu ndimi nyinshi, umugabo ava mu rugo akajya mu kazi, mu gihe umugore inshingano ze ziba mu rugo ari kumwe

n'abana. Umugabo aba yambaye neza kandi asa neza iyo ari ku biro, akorana ndetse n'abantu b'igitsina gore nabo bambaye neza kandi basa neza. Hari ubwo umugabo muri iyo miterere y'akazi aganira na sekereteri we kurusha uko aganira n'umufasha we. Aramumenya kurusha uko azi umugore we, baravugana cyane, kandi amarana umwanya munini nawe. Ntabwo biba bitunguranye ko sekereteri we, cyangwa undi mugore bakorana atangira kugira umwanya wa mbere muri we, ndetse urushako rwe rugaseniyuka, agatana burundu n'umugore we.

Kandi hari miliyoni nyinshi z'inshako aho umugabo n'umugore bombi bava mu rugo mugitondo bakajya mu kazi. Iyo aba bantu bashakanye bakunda akazi batwawe n'akazi cyane ku buryo bananirwa kwita ku mubano wabo kandi ntibasobanukirwane, ni igihe gitoya gusa undi muntu agatangira kumva no gusobanukirwa uwo mwashakanye. Kubera abantu bagira icyifuzo gikomeye cyo kumwa cyangwa kugira ngo babasobanukirwe, uwo mugabo cyangwa uwo mugore hari ubwo umunsi umwe azahura n'umuntu umwitaho cyane kuburyo amwumva cyangwa amutega amatwi.

Hari umugabo nari nzi wakijijwe nyuma y'imyaka myinshi yo kubaho ubuzima bw'ibyaha. Nahuraga nawe gatatu mu cyumweru mu gihe cy'imyaka itatu kugira ngo mutoze ubuzima bwa gikristo.

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

Maze kumumenya, hari ibintu namumenyeho. Mbere yuko yakira agakiza, yari azwiho kuba yararyamanye n’abagore b’abandi bagabo uretse uwe bwite. Yari umugabo muremure, wuje uburanga, kandi yajyaga ko abo bagore yaryamanye nabo, abenshi nibo babimushoyemo. Yaravuze ati: “Abo bagore naryamanye nabo ntabwo twaryamanye kuko bashakaga gukora imibonano mpuzabitsina. Oya. icyo bashakaga gusa ni umuntu bavugisha. Bambwiraga ko abagabo babo batabavugishaga, kandi ntibabumvaga. Nuko maze bakamvugisha kandi bakiyumvisha ko mbumvise.”

Ndetse tukumva n’imbusane y’iyi nkuru. Umugabo utumvwa cyangwa udategwa amatwi n’umugore we hari ubwo yahura n’ikibazo cyo gukundana n’undi mugore. Ni ibintu bibi cyane kwirengagiza icyifuzo cyo kumvwa cy’uwo mwashakanye. Mu mikino myinshi, kugarira kwiza ni ukwirinda amakosa. Kugarira kwiza twirinda gutakaza urushako rwacu ni uko twateza imbere ubumwe bwacu nk’abashakanye. Urwego rumwe rw’ingenzi rw’uko gukura ruturuka mu gukora ibishoboka byose tugasobanukirwana.

Kwishimira kudatera kimwe

Aha niho hantu heza wahera usobanukirwa uwo mwashakanye: Hari

itandukaniro hagati y’umugabo n’umugore. Hari itandukaniro mu miterere y’umubiri, mu mitekerereze, mu marangamutima, ndetse no mu mwuka w’umugabo n’umugore. Hari itandukaniro mu mitekerereze, mu mikorere, mu byiyumviro, ndetse no mu buyro bifata mu bintu runaka hagati y’umugabo n’umugore. Abagabo n’abagore ntabwo baramya Imana kimwe.

Ibi nabigaragarijwe cyera mu buryo ntakwigera nibagirwa. Hari umugore wari umugabo w’umuganga waje kundeba. Yari umugore mwiza, yakundaga Imana, amaramaje mu buzima bwe bw’umwuka, akora umurimo w’Imana mu rugesengero rwe, ayobora amatsinda y’amasengesho mu rusengero rwe ndetse akora n’ibindi mu rusengero. Nari narabonye nawe bwa mbere akora imirimo y’urusengero. Umugabo we yari umuganga mwiza ubaga, wakoraga umwuga we neza cyane, ariko arimo kurira, uwo mugore yarambwiye ngo, “Mbabajwe n’umugabo wanjye. Ntabwo ari umunyamwuka.” Ndamusubiza nti, “Tumusengere, kuko Imana yonyine ari yo yamugira umunyamwuka.”

Hashize amezi atatu baza kumpamagara kujya gusengera umugore w’umunyetorero ryacu wari wagize ikibazo cy’umutima ndetse n’impayiko. Impayiko zagombaga gukurwamo, ariko kumubaga byari ibintu biteye ubwoba bitewe n’uko umutima utakoraga neza. Nari ku

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

bitaro ndi kumwe n’umugabo we mvugana nawe turi iruhande rw’umugore we aho yari aryamye maze wa muganga ubaga utari umunyamwuka arampamagara ngo nze hanze y’icyumba. Arambwira ati, “Ngomba gukuramo izi mpyiko ariko ni risike ikomeye. Arambwira ati, ibitaro bifite icyumba cy’urusengero muri etaje yo hasi. Mbese wagenda ukadusengera kugeza ubwo ndibukoherereze umufomokazi akakubwira ko birangiye?” Ndamusubiza nti yego rwose, reka ngende nsenge.”

Nuko njya muri icyo cyumba cy’urusengero maze ndasenga. Saa tanu z’icyo gitondo ngira ibihe byiza nsengera uwo mugore numva ko hari ikintu Imana ikoze. Nyuma y’iminota nka cumi n’itanu umufomokazi aza ku rugi rw’urusengero maze arambwira ati, “Muganga aravuze ngo bigenze neza. icyari giteye ubwoba kirangiye.”

Nyuma yo kubaga uwo murwayi, mbere yuko agira n’icyo abwira umugabo w’uwo mugore urwaye, muganga yarabanje aramanuka aransanga, maze ankora mu ntoki aravuga ati, “Wakoze cyane gusenga. Wakoze cyane rwose. Ni igitangaza kuba ibi bintu bibaye.”

Wibuke yuko uyu ari wa muganga w’umugore we yavuze ko atari umunyamwuka. Nongeye guhura n’umugore we naramubwiye nti,

“Ndatekereza ko wibeshye. Umugabo wawe ni umunyamwuka.” Yararize mubwiye ibyo umugabo yakoze. Uwo muganga yari umugabo w’umunyamwuka, ariko ntabwo yagaragazaga ubunyamwuka bwe nk’uko umugore yabigenzaga. We yabifashe nk’aho ari nta buzima bw’umwuka afite na mba. Ibi kandi na byo byagaragaje ko uwo mugore atari azi cyangwa asobanukiwe umugabo we neza.

Niba twifuza kumenya uwo twashakanye nawe, tugomba gusobanukirwa itandukaniro riba hagati y’igitsina gabo n’igitsina gore. Umugabo n’umugore baremwe n’Imana bagomba kudatera kimwe; uko kudatera kimwe n’ibyo byatumye ubenguka uwo mwashakanye kandi n’ibyo byatumye nawe akubenguka. Umugore abenguka umugabo abitewe n’ubugabo bwe. Umugabo abenguka umugore abitewe n’ubugore bwe. Uku kudatera kimwe bigomba kwishimirwa aho kubirwanya.

Mbega ukuntu ibyago bikomeye cyane abagore kubwirwa ko kugira ngo bagire agaciro nk’abagore, bagomba kumera nk’abagabo kandi bagakora imirimo n’inshingano z’abagabo. icyo ntabwo ari cyo gihesha umugore agaciro; ahubwo imbusane niyo kuri. Akamaro n’inshingano z’umugore, nk’umugore nibyo bimuhesha agaciro. Kandi ibi niko biri no ku mugabo. Abagabo babona agaciro kabo

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

nako iyo basohoza inshingano ndetse n'imirimo bagenewe n'Imana nk'abagabo.

Abantu babiri baramutse bateye kimwe ijana ku ijana, ubwo umwe muri bo ntabwo yaba akenewe. Imana yaturemye dutandukanye, kuko nk'uko twabibonye mu nkuru y'irema mu gitabo cy'Itangiriro, gutanduka cyangwa kudatera kimwe kwacu bituma twuzuzanya ndetse twunganirana, kugeza ubwo hagati yacu twembi nk'abashakanye, tuba "Adamu" umwe wuzuye. Imana yabise Adamu, ntabwo yabise ba Adamu. (Itangiriro 5:1) Umugambi w'Imana wari, kandi n'ubu uracyari ko atari uyu cyangwa uriya, ahubwo ni bombi Imana ibaremamo umubiri cyangwa umuntu umwe nk'umugabo n'umugore.

Akamaro k'Ibyahise

Twese tugirwa n'ibyo twanyuzemo mu buzima. Imyaka mwembi myabayeho mbere yuko mubonana, wowe n'uwo mwashakanye mwarimo kuremwa n'imibereho ndetse n'umuryango kugira ngo mube abo mwari bo mubonana bwa mbere. Niba mwifuzaga gusobanukirwana, mugomba kumenya no gusobanukirwa akamaro k'ibyahise byabagize abo muri bo. Reka mbahe urugero rumwe gusa rwange.

Mu mpera za 1960, umufasha wange yararwaye cyane. Mu by'ukuri abantu bari batuzi icyo gihe iyo baje kutureba muri iki gihe baba bazi ko bamusanga mu igare rw'abamugaye. Nageze mu rugo umugoroba umwe nsanga umufasha wange yatunguwe, afite umuriro mwinshi kandi ingingo ze zabyimbye cyane. Nararakaye kandi ndababara cyane. Nahise ntera umugeri igitanda! Ni ikintu kibi cyane yumvaga umugabo we yakora. Ntabwo nari umugabo ukomeza. Ariko nyuma byabaye ngombwa kandi byiza kuba twasubira mu mateka nkamenya icyatumye nitwara ntyo mu burwayi bwe.

Cyera nkiri umwana muto, mama yigeze kurwara cyane. Twari abana cumi n'umwe, maze umuhererezi amaze kuvuka, mama mamusangamo kanseri yo mu mara. Nyuma yo kubagwa ndetse n'imyaka ibiri yo kurwara cyane, Umwami yaje kumujoyana. Muri icyo gihe, nakomeje kwitegereza data. Yari afite urugo rwuzuyemo abana n'umugore urwaye. Yajyaga akora akazi ko gutwara inzandiko azishyira banyirazo umunsi wose maze mu ijoro agatwara taxi vwatiri kugira ngo tubeho nk'umuryango.

Hari igitekerezo cyatangiye kuremwa mu bitekerezo byanjye, kigira kiti: "Abagore bararwara bakagusigira urugo rwuzuyemo abana." Umufasha wange arwara twari dufite abana batanu, babiri bakiri

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

bato cyane kandi batatu nabo bari bakiri bato. Ngarutse uwo mugoroba nkasanga arimo kubabara, ibyo nabonye byose mu masaha menshi mbona mama arwaye nkabona data ahirimbana n’ubuzima byatumye nitwara uko nitwaye uwo mugoroba. Tubiganiriyeho tukabikemura, byaranyoroheye kumenya icyatumye ndakara ndetse nkababara ubwo umufasha wange yarwaraga.

Byari ingenzi cyane ko umufasha wange amenya amateka yanjye. Iyo ataza kuyamenya. Hari ubwo yajyaga kuba yasaba ubutane bwa burundu! Ahubwo yafashe umwanya asobanukirwa aho uburakari bwanjye n’akababaro kanjye byaturukaga. Nyuma, naje kwibwira nti, “Kura, wa mugabo we! Uyu ntabwo ari nyoko. Uyu ni umufasha wawe, kandi akeneye ubufasha bwawe.” Hari ibihe bitandukanye byabayeho byamfashije kumenya ibyabaye ku mufasha wanjye byatumye aba uwo ari we uyu muni. Niba ushaka kumenya umuntu mubana, ugomba kumenya akamaro k’ibyahise.

Ukwera k’Umwihariko w’Umuntu

Imana yagennye ko buri muntu agira umwihariko. Niko ibigenza igihe cyose iyo iremye undi muntu. Ijambo “kamere” risobanurwa n’inkusanya magambo muri ubu buryo, “umwihariko, ubwiharike bwa buri muntu bumutandukanya n’undi muntu wese uri ku isi.”

Nakomeje kuvuga mu myaka myinshi namaze ndi umushumba ko, imwe mu mpamvu nyamukuru zo kutanezerwa ari uko abantu batari uwo, icyo ndetse naho Imana yabageneye kuba. Umugabo n’umugore bafashanya kumenya umwihariko wa buri muntu wagenwe n’Imana ndetse n’ubushake bw’Imana bwiza kandi bwemewe ku buzima bwacu. (Abaroma 12:1,2)

Iyi ni ingingo y’ingenzi tugerageza gusobanukirwa akamaro ko kumenya mu rushako. Hari umuntu wasobanuye kumenya cyangwa gusobanukirwa nka “Kwemeranywa kwa bombi gukemura amakimbirane.” Mbese ubu si ubusobanuro bwiza bwo gusobanukirwa cyangwa kumenya? Ubundi busobanuro ni, “Kumvikana ku bitekerezo n’imigambi biganisha ku gusesengura n’impuhwe.” Kugira ngo umenye umuntu mwashakanye, ugomba kubanza kumenya uko igitsina gabo n’igitsina gore bitandukana; ugomba gusobanukirwa akamaro k’ibyahise.

Kugira ngo umenye uwo mwashakanye, ugomba gushaka kumumenya. Hari abantu bashakanye batajya bashaka gufata umwanya n’imbaraga zo mu maranga mutima bisaba kugira ngo asobanukirwe uwo bashakanye. Wowe se bimeze bite? Mbese waba wifuzaga kumenya uwo mwashakanye? Niba ubishaka, dore ngire ibitekerezo nguha.

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

Icyamba mbere, kugira ngo umenye uwo mwashakanye, ugomba gukoresha itegeko riruta ayandi yose. Yesu yaravuze ati, *“Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n'ibyahanuwe.”* (Matayo 7:12) Uyu niwo murongo ukomeye cyane muri Bibiliya wigisha mu mibanire y'abantu. Kugira ngo dushyire mu bikorwa uyu murongo, bagore mugomba kwibaza muti, *“Ndamutse ari jye mugabo wanjye, mbese ni iki nakwifuzako umugore wanjye ankorera?”*, maze namwe bagabo mwibaze muti, *“Ndamutse ari jye mugore wanjye, ni iki nakwifuzako umugabo wanjye ankorera?”* Ibi binyurana na kamere yacu yo kwikunda no kwirebaho, ariko nidusaba Imana kuduha ubuntu, twakunda ndeba tukita kuwo twashakanye nawe maze tugashyira mu bikorwa itegeko rikuru rya Yesu mu gihe turimo kugerageza gusobanukirwana cyangwa kumenyana.

Icyamba kabiri, ugomba gutega amatwi uwo mwashakanye. Gutega amatwi cyangwa kumva ni igikorwa nya cyo, kandi hari byinshi twakwiga ku gutega amatwi abenshi muri twe tutigeze twiga. Hari ubwo biba ari ibintu bisanzwe ko umugabo n'umugore batumvane cyangwa badategana amatwi. Iyo bavuze ko barimo gutegana amatwi, hari ubwo icyo baba bavugaga ari, *“Ndimu gutekereza icyo ndibugusubize nuceceka.”* Yesu yaravuze ati, *“Ufite amatwi yumva*

niyumve.” (Matayo 11:15) Mbese wumva cyangwa utega amatwi uwo mwashakanye iyo arimo kugerageza kukuvugisha?

Ubutumwa bwiza bwanditswe na Luka buvugaga inkuru ya Yesu ajya mu rugo rw'Umufarisayo? Haza kwinjira umugore muri urwo rugo maze arizwa no kumenya ko Umufarisayo atogeje ibirenge bya Yesu. Ibi bisobanuye ko Umufarisayo atari yakiriye Yesu mu buryo bwemewe. Aririra ku birenge bye, maze amarira ari ku birenge bye ayaanaguzako umusatsi we. Arimo kubikora, umufarisayo yaratekereje ati, *“Iyo aza kuba azi uyu mugore uwo ari we, ntabwo aba yemeye koi bi biba.”*

Mu gihe Umufarisayo agitekereza atyo, Yesu amubaza ikibazo gikomeye. Yaravuze ati, *“Simoni, urabona uyu mugore?”* Hari amagambo y'Ikigiriki menshi atandukanye asobanura iri jambo *“kureba.”* Ahangaho ijamba Yesu yakoresheje risobanuye, *“Uramubona by'ukuri? Cyangwa, ubona iki iyo urebye uyu mugore?”* Ntekereza ko iki ari ikibazo cyiza cyo kubaza abagabo. Mbese umugore washatse uramubona koko? Mbese umugore wawe uramwumva iyo agerageje kukuvugisha?

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

Uwitwa Francis wa Assisi ni umwe mu ntware n’icyitegererezo cyanjye. Igihe yajyaga mu ishuri rya Bibiliya, byabaye inkuru ikomeye kuko yakomokaga mu muryango ukomeye. Nyuma yo kwiga amasomo yo muri seminari yose (Kandi icyo gihe wabanzaga kumara imyaka myinshi ukora imirimo runaka kugira ngo ugaragaze ko wateye isi, kamere ndetse na Satani umugongo), ku munsu wo kwimikwa uwimikwaga yagombaga kubwiriza. Urusengeru rwari rwuzuye abaje kureba no gukurikira kwimikwa kwa Assisi kuko yari icyamamare mbere yuko ajya muri seminari kwiga. Ahagurutse kugira ngo abwirize icyo abantu benshi batekerezaga ko ari cyo kibwiriza gikomeye cyane mu byabwirijwe byose, yaravuze ati, “Imana ntiyampamagariye kubwiriza, ahubwo gukora. Reka dusenge.” Maze asenga iri sengesho:

“Mwami ngira igikoresho cy’amahoro yawe. Ahari urwango nyemere mpatere urukundo; ahari ibikomere, mpatere kubabarira; ahari ugushidikanya, mpatere ukwizera; ahari agahinda, mpatere ibyiringiro; ahari umwijima, mpatere umucyo, kandi ahari akababaro, mpatere umunezero. Mwami w’ijuru, mpa kudashaka cyane guhumurizwa ahubwo nje mpumuriza; ne kumvwa ahubwo numve; ne gukundwa ahubwo nkunde. Kuko icyo dutanga ari bwo duhabwa; icyo tubabariye ari bwo tubabarirwa, kandi icyo dupfuye ari

bwo tuvukira kubona ubugingo buhoraho.”

Iri ni isengesho ryiza kandi ni imyumvire myiza tugomba gushyira mu bikorwa mu kibazo cyo gusobanukirwa uwo twashakanye nawe. “Mpa kudashaka kumvwa cyane nk’uko nogomba kumva.” Igisabwa kugira ngo wumve cyangwa usobanukirwe uwo mwashakanye ndetse mubana ni ukuba ari we ushyira imbere. Kugira ngo usobanukirwe uwo mwashakanye, ugomba “gusoma ibyifuzo bye ibitanditswe” ndetse “ukumva ibyifuzo atavugishije amagambo.”

Kimwe n’inyigisho ya Yesu, iri sengesho rya Francis ryigisha ikintu cyoroshye. Ariko uku kuri koroshye kwateza impinduka ikomeye cyane uramutse ugukoresheje mu rushako rwawe. Uko kuri ni, gira uwo mwashakanye uwa mbere kandi ntiwihebe cyane ushaka kumvwa cyangwa gutegwa amatwi. Icyo ugomba kwitaho cyane ntabwo ari ukumvwa n’uwo mwashakanye, ahubwo ugomba kwita ku kukumwumva. Icyitonderwa ntabwo ari uko urimo guhabwa urukundo, ahubwo ni uko urimo gutanga urukundo.

Kuvugana kwimbitse

Kugira ngo usobanukirwe uwo mwashakanye, ugomba kumuvugisha mu buryo bwimbitse. Hari inzego zitandukanye zo

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

kuvugana mu rushako. Urwa mbere ni urwego rwo kutavugana, urwego rutari rwiza aho wowe n’uwo mwashakanye mutagira ikintu cy’ingenzi muvugana. Ku rwego rwisumbuyeho, wowe n’uwo mwashakanye muvugana ibyo muzi. Ku rwego rwisumbuyeho, mutangira kuvugana ibyo mutekereza, ndetse n’ibiyumviro byanyu. Ku rwego ruhanitse cyane rw’imivuganire, mutangira kuvuga ku; aho, icyo ndetse n’abo muri bo mu buzima bwanyu byerekeye ku aho, abo ndetse n’icyo Imana yifuza ko muba.

Ibi birenze ikiganiro cyoroheje nka “mpa uwo munyu” cyangwa “imvura iragwa uyu muni.” Iyo muvuganiye ku rwego rwimbitse, uba urimo gushyira umutima wawe mu kiganza cy’uwo mwashakanye, kandi icyo gihe umutima wawe yawukoresha icyo ashatse cyose. Yawukanda. Yawujugunya hasi ndetse akawukandagiraho. Ntekereza ko ikintu kibi cyane yakoresha umutima wawe ari ukuwiringagiza.

Ikintu kibi cyane nigeze kumva umuntu abwira uwo bashakanye nacyumvise igihe nabagiraga inama. Yari umugabo munini cyane, kandi ukarishye. Umugore we yakomeje kumubaza mu gihe cyose twarimo kuganira mbagira inama, ati, “Untekerezaho iki? Icyo untekerezaho?” Nyuma, umugabo yaje kumureba mu maso maze aravuga ati, “Wishyira hejuru, wa mugore we. Ntabwo njya

ngutekerezaho na gato.” Imbusane y’urukundo ntabwo ari urwango; ni ukudaha agaciro. Umugabo yarimo kumubwira imbusane y’urukundo ubwo yabwiraga ayo magambo umugore we.

Iyo ushyize umutima wawe mu kiganza cy’uwo mwashakanye hari ubwo wakomereka. Ariko ntabwo wakwigera usobanukirwa uwo mwashakanye cyeretse ari uko wemeye kwita hanze. Kuvugana ku rwego rwimbitse bivuze kwiga cyangwa kumenya gukemura amakimbirane. Iyo mugiyeye kuvugana ku rwego rwimbitse, ugomba kumenya ko uwo mwashakanye atazahora avuga ibyo ushaka kumva. Iyo uwo mwashakanye yitaye ku itera mbere ryanyu akubwira ibyo ugomba kumva, kandi hari ubwo utakwishimira kubyumva. Ni cyo cyatumye uwitwa Dr.Tournier yandika ku “mbaraga zo kuvugana.” Iyo uwo mwashakanye avuze ikintu ukeneye kumva, ariko udashaka kumva, hari ubwo wihisha ukamera nk’ukuntu akanyamasyo gasubira mu gisanduku cyako, cyangwa ugahitamo kwiga gukemura ikibazo cyaterwa no kuvuganira ku rwego rwimbitse.

Kurwanya Ubushari

Abashakanye bavuganira ku rwego rwimbitse bagomba no kwiga kurwanga ubushari cyangwa uburakari. Uburakari ni

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

amarangamutima atangaje. Ni iki utekereza ku burakari cyangwa ubushari mu buzima bw'umukristo? Mbese wemera ko Imana ishaka ko umuyoboke wa Yesu wuzuye Umwuka Wera arakara? Mbese uburakari buremewe mu buzima bw'umuyoboke wa Yesu? Umva aya magambo yavuzwe na Pawulo ku burakari mu buzima bw'abizera:

“Nimurakara ntimugakore icyaha, izuba ntirikarengye mukirakaye kandi ntimubererekere Satani... Kandi ntimutege agahinda Umwuka Wera w'Imana wabashyiriweho kuba ikimenyetso, kugeza ku munsu wo gucungurwa. Gusharira kose n'uburakari n'umujinya n'intonganya, no gutukana hamwe n'igomwa ryose bibavemo.” (Abefeso 4:26,27,30,31) Yakobo aduha urugero rugufi kandi rwiza cyane ku burakari n'ubushari iyo yandika ati: *“Kuko uburakari bw'abantu budasohozza ibyo gukiranuka kw'Imana.”* (Yakobo 1:20)

Urugero Rwanjye Bwite

Igihe nashakaga nari umukristo ariko urakara cyane. Nibwiye ko bwari uburakari bukiranutse, ariko ntabwo byari byo. Nagombye gukora ubushakashatsi mu byanditswe kugira ngo menye icyo Imana ivuga ku burakari. Hari umunsi nakubise igipfunsi iradiyo, nyishyiramo umwenge munini.

Yasaga nk'iyakubiswe n'igisasu! Twaje kwimuka hashize imyaka myinshi maze umugore wanjye azana iyo radiyo. Yayishyize iruhande rw'aho twabikaga ibitabo mu cyumba hafi y'uburiri bwacu kugira ngo ijye inyibutsa. Nagerageje kumusobanurira ko ntari namurakariye. Nari nakojejwe isoni n'umukozi wo muri banki ndimo kugerageza gusaba inguzanyo. Mu by'ukuri nari nirakariya kuko nari nakoresheje nabi amafaranga yacu, maze nkubita iradiyo igipfunsi.

Hari ibibazo ugomba kujya wibaza ku burakari bwawe. Ni iki kiguteye kurakara? Urakariye nde? Uburakari ubutewe n'iki? Ni iki kikurakaje koko? Inkomoko n'ikiguteye kurakara akenshi usanga ari umuntu turimo gusukaho ubushari. Akenshi usanga twirakariye, nk'uko byari byangendekeye. Ahari yenda urakariye umukoresha wawe, kandi ubwo utashobora kumukubita igipfunsi cyangwa urushyi ku maso, ugira icyo umena iyo utashye. Nubwo bisa nk'aho umurakariye, kandi nawe akaba atekereza ko ari we urakariye, hari ubwo wasanga atari we urakariye. Hari n'ubwo waba utarakariye umukoresha wawe. Wasanga wirakariye ubwawe. Ni ngombwa ko umenya, ndetse n'uwo mwashakanye akamenya isoko y'uburakari bwawe.

Biragaragara mu cyanditswe dusomye kivuga ku burakari

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

n'ubushari ko Imana idashaka ko abakristo buzuye umwuka Wera barakara cyangwa bagira ubushari muri bo. Mu Isezerano Rishya handitse ngo, “Nimurakara ntimugakore icyaha.” (Abefeso 4:26) Hari abantu bafata iryo jambo rya mbere bakarigira icyanditswe cy'ubuzima bwabo: “Nimurakara,” bakavugaga ngo ni kimwe na “Mujye murakara.” Ariko ubusobanuro bwiza b'iri jambo ni, “nimujya murakara, ntimugakore icyaha.” Imana irabizi ko hari igihe tuzarakara. Ariko ubutumwa Bibiliya iha abakristo barakara ni, “Icyo ugomba kwitondera ni uko uburakari butagutera gukora icyaha, kandi ntugatume izuba rirenga ukirakaye.” Ubusobanuro bw'icyo iki cyanditswe kitubwira ku burakari ni uko tugomba “kwiambura” uburakari n'umujinya wose. (Abefeso 4:26-27)

Maze gusobanukirwa ko Imana imbwire mu ijamo ryayo ko ntagomba kurakara, ahubwo ngomba “kwiambura uburakari,” nabajije iki kibazo, “Gute?” Iki kibazo cyanyanye mu gice cyo mu gitabo cy'Itangiriro kitampaye ibisubizo by'ikibazo cyanyije gusa, ahubwo cyamohoye mu burakari bwanjye. Nakugira inama ko nawe wagisoma niba nawe ufite iki kibazo. Ni imwe mu nkuru zikomeye kandi zizwi cyane zo muri Bibiliya:

“Bukeye Kayini azana ituro ku mbuto z'ubutaka, ngo ariture Uwiteka. Na Abeli azan ku buriza bw'umukumbi we no ku rugimbu

rwawo. Uwiteka yita kuri Abeli no ku ituro rye, maze ntiyita kuri Kayini n'ituro rye. Kayini ararakara cyane, agaragaza umubabaro. Uwiteka abaza Kayini ati “Ni iki ikurakaje, kandi ni iki gitumye ugaragaza umubabaro? Nukora ibyiza ntuzemerwa? Ariko nudakora ibyiza, ibyaha byitugatugira ku rugi, kandi ni wowe byifuzaga ariko ukwiriye kubitegeka.’

Kayini abibwira Abeli murumuna we. Kandi bari mu gasozi, Kayini ahagurukira Abeli murumuna we, aramwica. Uwiteka Abaza Kayini ati, ‘Abeli murumuna wawe ari he?’ Aramusubiza ati, ‘Ndabizi se? Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?’ Aramubaza ati, ‘Icy wakoze icyo ni iki?’ Ijwi ry'amaraso ya murumuna wawe rirantakira ku butaka.’” (Itangiriro 4:3-10)

Muri iyi nkuru ngufi ishamaje, dusangamo inyigisho ikomeye ku burakari. Ubonamo abagabo babiri, ari bo, Uwemewe (Abeli) n'Utaremewe (Kayini). Bombi batuye Imana amaturo. Ahubwo igitekerezo cyo kubikora cyatanzwe na Kayini. Imana yishimiye Abeli yishimira n'ituro rye, ariko ntiyishimira Kayini n'ituro rya Kayini. Ntabwo nemera ko twabwiwe icyatumye itura rya Kayini ritemerwa. Yari umuhinzi, niyo mpamvu yatuye imyaka. Inkuru ntabwo igaragaza na hato ko atatuye Imana imyaka myiza.

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

Abeli yari umworozi, ni cyo cyatumye atura Imana itungo. Hari abavuga ngo ikibazo ni uko itura rya Abeli ryari rifite amaraso mu gihe irya Kayini nta maraso ryari rifite, ariko icyo gihe ntabwo ibitambo by’amaraso ari byo byari ngombwa. Jyewe ntekereza ko ikibazo cyari kuri aba bagabo bombi kuruta uko cyari ku mature yabo. Umwe muri bo yaremewe, maze Imana yemera ituro rye. Undi ntiyemewe, maze Imana ntiyemera ituro rye.

Inkuru irakomeza; Uwemewe asanga Utaremewe maze Utaremewe akubita Uwemewe kugeza aho yamwiciye. Imana isanga Kayini nyuma maze iramubaza iti, “Ni iki cyatguteye kurakara? Ni iki cyaguteye agahinda? Murumuna wawe ari he? Ibi wakoze ni ibiki? Nukora ibikwiriye, mbese ntuzemerwa? Kand nutabikora, uyu mujinya cyangwa uburakari ni icyaha kiribukurimbure!” Iyi ni inyigisho ikomeye ku burakari. Cyagihe mena radiyo ntabwo nari narakariye umugore wanjye. Nari nirakariye kuko nari “Utemewe.” Bitewe n’ukuntu nari nakoresheje nabi amafaranga yacu, nari nirakariye. Imana yarambajije iti, “Kuki urakaye? Kuki wamennye iriya radiyo?” Inyigisho nkuru nakuyemo ni iyi, “Ikiranure n’Imana. Iga gukoresha neza amafaranga yanyu kugira ngo ntubure kwemerwa nawe, n’Imana ndetse n’abantu bose. Nudakemura uburakari bwawe wemerwa, ugiye kuzabaho ubuzima umenagura

amaradiyo, cyangwa “ukubita ba Abeli” kandi bizakurimbura!”

Nyuma yaho Intumwa Pawulo itanga ikindi gitekerezo cy’ingenzi kuri iyi ngingo mu rwandiko yandikiye Abefeso. Arandika ati, “*Ukunda umugore we aba yikunda.*” (Abefeso 5:28) Urabona, iyo nza kuba narikunze muri cya gihe namenaga iradiyo, mba naragize ubushobozi bwo gukunda umugore wanjye. Ariko kuko ntarimo kwikunda, narimo kugaragariza umugore wanjye umujinya n’uburakari.

Igihe narimo kurwanya no gukemura ikibazo cyanjye cy’uburakari, byarabaye nkunda umugore wanjye n’abana banjye. Ariko ntabwo najyaga mbagaragariza urukundo, cyane cyane igihe “ntikundaga.” Igihe nari meze nabi cyane ntikunda, si nzi icya biteye, ariko nari mfite imbaraga nke zo kugaragaza urukundo. Icyo nagombaga kwiremamo ni imyumvire myiza yo kwiyubaha maze nkibona nk’uko Imana imbona.

Muri Matayo, umunyamategeko yabajije Yesu ati, “*Mwigisha, itegeko rikomeye mu mategeko ni irihe?*” (Matayo 22:36) Maze Yesu aramusubiza ati, “*Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n’ubugingo bwawe bwose.*’ Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry’imbere. N’irya kabiri rihwanyeye na ryo ngiri. *Ukunde mugenzi*

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

wawe nk’uko wikunda.’ Muri ayo mategeko yombi, amategeko yombi, amategeko yose n’ibyahanuwe ni yo yuririraho.” (22:37-40)

Muri iki cyanditswe, Yesu yarimo kuvuga ko tugomba kumenya neza ibintu bitatu mu buzima kugira ngo tubona icyo Yesu yise “ubuzima butagira iherezo” cyangwa “ubuzima bwinsihi.” Tugomba kureba hejuru kugira ngo tube icyo tugomba kuba cyo mu mubano wacu n’Imana; tugomba kwirebamo imbere tukaba icyo Imana ishaka ko tuba; kandi tugomba kureba mu mpande kugira ngo tube icyo Imana itubwira mu ijamba ryayo ko umubano wacu n’abandi ugomba kumera. Yesu ashya mu ncamake ibyo bitekerezo uko ari bitatu yigisha ko tugomba kureba hejuru, tugakunda Imana twimazeyo. Tugomba kwirebamo imbere, tukikunda uko bikwiriye. Kandi tugomba kureba impande zacu, maze tugakunda abandi ntacyo tubaca.

Kwikunda ntibisobanuye kurekera aho kuramya Imana igihe unyuze imbere y’indorerwamo ukireba. Ni icyo abantu bamwe batekereza ko bivuze. Ariko umugabo w’inshuti yanjye, umugabo warimo gukura ubusinzi n’ibiyobya bwenge, abivuga muri ubu buryo: “Kunda Imana wese, wikunde uko biwiriye, kandi ukunde abandi ntacyo ubaca.” Iyo nshuti yanjye yakuze mu mwuka nyuma yo gushobora gusobanukirwa ibi bintu bitatu, kandi icyavuyemo ni uko

amaze imyaka cumi n’irindwi yarakize, kandi niwe muyobozi w’abakuru b’itorero ryacu. Iyo Pawulo avuze ngo, “Ukunda umugore we aba yikunda,” aba atubwira ibanga. Nudakunda iyo wirebyemo imbere, niba wirakariye kugeza n’aho wiyanga kandi ukiyica, nta muntu n’umwe mwakwigera mwumvikana, cyane cyane umugore wawe.

Niba ushaka gusangira ubuzima bwawe n’umuntu mu mubano w’urushako, ugomba gusobanukirwa uwo muntu. Ntabwo twatandukanya gusobanukirwana no kuvugana, ndetse no kuvugana n’Imana.

Ni gute twasobanukirwana?

Uku kuri ni uko tutisobanukirwa neza, uretse no gusobanukirwa uwo twashakanye. Yeremiya yaravuze ati, “*Umutima w’umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara ntiwizere gukira. Ni nde ushobora kuwumenya uko uri?*” (Yeremiya 17:9) Mu murongo ukurikiraho, ijwi ry’Imana ryasubije ikibazo cya Yeremiya. “*Jye Uwitaka ni jye urondora umutima nkawugerageza, nkitura umuntu wese ibihwanye n’inzira ze, uko imbuto ziva mu mirimo ye ziri.*” (10) Ubwo ibyo ari ukuri, kimwe nka Dawidi natwe tugomba kureba hejuru maze tukavuga tuti, “Mana, ndondora

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

umenye umutima wanjye, mvugutira umenye ibyo ntekereza.” (Zaburi 139:23) Iyi mivuganire n’Imana nibwo buryo bwonyine twakwisobanukirwa kandi tugatangira gusobanukirwana mu rushako. Iyo umwe cyangwa abashakanye bombi batavugana n’Imana, ntabwo bazigera basobanukirwana neza.

Yakobo aratubwira ngo, *“Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa.”* (Yakobo 1:5) Mu yandi magambo, hari ubwo utasobanukirwa uwo mwashakanye, ariko Imana iramusobanukiwe. Numenya ko utasobanukirwa uwo mwashakanye udafashijwe n’Imana, saba Imana ubwenge udafite.

Igice Cya 2

Ikiranga Cyerekezo Cyo Mu Mwuka

Igitabo cy’Itangiriro ni igitabo cyo gutangira. Ni icyo ijambo itangiriro rivuze. Mu gitabo cy’Itangiriro, Imana itubwira itangiriro ry’ibintu byinshi kuko ishaka ko dusobanukirwa ibyo bintu nk’uko yagennye ko bimera. Ikiganiro cya mbere Imana yagiranye n’umuntu cyanditse mu gice cya gatatu cy’Itangiriro, Adamu na Eva bakimara kurya ku mbuto Umuremyi yababujije kurya. Babitewe no kutumvira, bamenye ubwenge bwo kumenya ikibi n’icyiza, maze

barihisha kuko bumvaga bafite isoni no gucirwa urubanza.

Dusoma ko Imana yaje gushaka ibiremwa byayo byanze kumvira mu ngobyi ya Edeni, ibabonye yababajije ibibazo. Umuremyi abajije ibiremwa bye ibibazo, ntabwo byatewe n’uko itari izi ibisubizo. Iyatumye Imana ibabaza ibibazo kwari ukugira ngo itume batekereza. Ibi bibazo mbona bimeze “nk’ikiranga cyerekezo cyo mu mwuka.” Ubwo umugambi wa Bibiliya wo gutegura urushako ari ugutangirana n’abantu babiri bari mu urwo rushako, ndagira ngo mbabwire ibibazo umunani Imana itubaza muri Bibiliya byafasha abashakanye kwimenya no kumenyana.

Amagambo ya mbere yanditse muri Bibiliya Imana yavuganye n’umuntu akimara kugwa ni ibibazo. Ikibazo cya mbere yamubajije ni, *“Uri he?”* (Itangiriro 3:9) Ibi bisobanuye ngo, “Hari aho ugomba kuba uri ariko ntabwo uhari. Ubwo se uri he?” Urebye ikibazo yamubajije ni, “Tekereza aho uri, kuko utari aho ugomba kuba uri.” Adamu yarasubije ati, *“Numvise imirindi yawe muri iyo ngombyi, ntinyishwa n’uko nambaye ubusa, ndihisha.”* (10) Mu yandi magambo, “Iyo numvise ijwi ryawe rintera ubwoba. Ndabizi ko rigiye guhishura ubwambure bwanjye kandi ntabwo nshaka gutabwa hanze.”

Ubu ni ubusobanuro bwiza bwa kamere ya muntu, uko yari n’uko iri

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

ubu. Haba hari igihe wumva muri wowe hari aho wagombye kuba uri, ariko ukaba udahari? Tekereza ko hari ubwo ibyo wumba hari ubwo yaba ari Imana ikubaza iti, “Uri he?” Ese ntiwasanga icyo twita “Ikibazo cyo kutimenya” ari cyo Imana yatubwiye muri iki gice cya gatatu cy’Itangiriro? Mbese birashoboka ko Imana yaba ishaka ko tumenya, nk’uko byari biri, igitangaza ko umuremyi wacu adushakisha uyu muni n’ibibazo by’aho turi, kuko tutari aho idushaka?”

Ikibazo cya kabiri Imana ibaza umuntu ni, “Ni nde wabikubwiye?” By’umwihariko, ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa?” (11) Ururimi rw’Igiheburayo rurerura hano ruti, “Ni nde wakumenyesheje ko wambaye ubusa?” Iki kibazo cya kabiri Imana yabajije cyasubije Adamu na Eva mu gihe baryaga imbuto y’igiti babujijwe. Barya ku mbuto y’igiti babujijwe, handitse ngo: “*Amaso yabo yombi arahweza, bamenya yuko bambaye ubusa, badoda ibibabi by’imitini, biremeramo ibicocero.*” (7)

Ubu rero Imana irimo kubaza iti, “Mumaze kumenya ko mwambaye ubusa, ni nde watumye mumenya ko mwambaye ubusa?” Igisubizo ni uko Imana yabo ubwabo ari yo yatumye bamenya ko bambaye ubusa kuko ibakunda. Iki kiganiro Imana yagiranye na ADamu na Eva ni ubusobanuro bwiza bw’urukundo rw’Imana, uko rwari ruri,

n’uko ruri ubu. Ni Imana yatumye amaso yabo ahweza, kuko yashakaga ko ibiremwa byayo bimenya icyo byati bimaze gukora, ndetse no kugira ngo bagire icyo bakora nyuma yo kumenya ko batari aha bagombaga kuba bari. Imana itugaragariza urukundo rwayo muri ubwo buryo muri iki gihe.

Ikibazo cya gatatu n’icya kane Imana ibaza bibaganisha ku kwihana. Ikibazo cya gatatu yabajije ni iki: “*Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho?*” (11) Ntekereza ko ibi biti ari imfashanyigisho gusa. Ntabwo ndimo kuvuga ko ari inkuru gusa cyangwa ibintu byahimbwe ku buryo nta busobanuro bifite. Imfasha nyigisho ni inkuru aho abantu, ahantu, n’ibintu bifite ubusobanuro bwimbitse bwo mu mwuka no mu buzima busanzwe. Wari wigera ubona igiti cyo kumenya ikibi n’icyiza? Wari wigera ubona igiti cy’ubugingo? Wari wigera ubona cyangwa wumva ijwi rigenda? Iyi ni imvugo y’amarenga, ariko yigisha kuri ki?

Mu marenga y’ibi biti, Imana irimo kuvuga ngo: “Ngushyize muri iyi si kandi nzi ibyo ukeneye kurusha uko wowe ubizi. Nakemura ibyifuzo byawe byose nkoresha ibi biti nubiryaho ukurikije amabwiriza nguha ndetse nuko nkuyoboye kugira ngo ngukemurire ibyifuzo byawe.”

Dusoma ko Imana yateye ibi biti mu buryo bw’ukuntu bigenda

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

birutanwa. (Itangiriro 2:8-9) icya mbere, ibiti byagombaga gukemura ibyifuzo by’amaso yabo. Muri Bibiliya, hari ubwo ijisho rihagararira ibitekerezo, cyangwa uko ubona ibintu. Yesu yaratubwiye ati, “Iyo ijisho ryawe ari rizima, umubiri wawe wose uba wuzuye umucyo. Ariko iyo ijisho ryawe (uko ubona ibintu) rifite ikibazo, umubiri wawe wose uba wuzuye umwijima. (Matayo 6:22,23) Uko tubona ibintu ni ingenzi cyane. Dushingiye kuri Yesu, uko tubona ibintu nibyo bitandukanya umubiri wuzuye umucyo n’umubiri wuzuye umwijima. Hano mu Itangirira, Imana irimo kuvuga ikoresheje amarenga n’imfasha nyigisho iti, “Icyifuzo gikomereye cyane mufite ni uko nabereka uko mwabona cyangwa mwareba ibintu.”

Imana yavuze ko ibiti biri mu ngobyi ya Edeni bizabakemurira icyifuzo cy’ibyo kurya. Ibi bihagararira buri kintu cyose umuntu akenera ndetse yifuzza. Mu buryo bw’amarenga, ibi bivuga ibyo Yesu yaje kuvuga hashize imyaka myinshi, agira ati: *“Umuntu ntatungwa n’umutsima gusa, ahubwo atungwa n’amagambo yose ava mu kanwa k’Imana.”* (Matayo 4:4) Nitubanza tukemerera Imana kutwereka uko twareba ibintu, ibindi byifuzo byacu byose bizakemurwa n’ibyo ibi bita bihagararira.

Adamu na Eva bamaze gucumura, banze akamaro k’ibi bita. Babanje

kurya ku giti cyabujijwe, kuko cyari gifite ibyokurya byiza, ndetse ari icy’igikundiro. (Itangiriro 3:6) Uku kwanga ibyo Imana ishaka byatumye birukanwa mu ngobyi. Nitwanga kuyoborwa no gutegekwa n’ijambo ry’Imana ritwereka uko twabana mu mibano yacu, kwanga ibyo Imana ishaka muri iki gihe hari ubwo byatuma dukoresha imbunda za kirimbuzi, ndetse yenda tube twajya no ntambara zigamije kwica no kurimbura abantu ku isi.

Muri iyi mfasha nyigisho itangwa n’Imana, Imana irimo kuvuga ngo, “Nashyize umuntu muri iyi si, kandi ntabwo namuretse ngo abe mu mwijima. Namuhaye Ijambo Ryanjye, ariko iyo yumvise Ijwi Ryanjye mu Ijambo Ryanjye, Ijwi Ryanjye rimutera kubura amahoro. Araza kuryihisha, kuko riribugaragaze ubwambure bwe, cyangwa kwifuza kwe. Nadakoresha ijambo ryanjye mu yicifuzo cyangwa ikibazo cye, azabaho ubuzima bwe bwose anyihisha ndetse yihisha n’ukuri kw’Ijambo Ryanjye.” Ikibazo Imana yarimo kubaza ni, “Mbese wariye ku giti wabujijwe?” Bivuze ngo, “Urimo gushakira ibisubizo ahantu hatari ho?”

Hari ubwo waba ubaza uti, “Mbese ibi bihuriye he n’urushako?” Ibi bihuza neza n’ikiganiro cyacu cy’urushako rwa Bibiliya. Mbese uribuka ko ku itangiriro ry’izi nyigisho z’urushako n’umuryango, navuze ko inkomoko ennye z’ibibazo byo mu rushako ari izi:

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

- Ahantu ha mbere haturuka ibibazo ni mu mugabo;
- Ahantu ha kabiri haturuka ibibazo ni mu mugore;
- Ahantu ha gatatu haturuka ibibazo ni mu mugabo n’umugore we, kandi
- Ahantu ha kane haturuka ibibazo ni mu bana.

Kandi navuze ko ahantu duhera dutunganya urushako rwacu ni ku bantu babiri bagize urwo rushako, cyane cyane umuntu wahindura, kandi ushinzwe, uwo ni wowe.

Ibisubizo bikwiriye by’ibi bibazo bituma ibi bibazo biba “Indangacyerekezo yo mu mwuka” yafasha umugabo n’umugore kuba aho bagomba kuba nk’abantu, byabahesha ubutunzi bwinshi, imbaraga nyinshi ndetse no gutuza mu rushako rwabo nk’abashakanye.

Mbere yuko dukomereza ku kibazo cya kabiri, hari ikibazo ngira ngo nkubaze ku rushako n’umuryango wawe. “Mbese icyerekezo cy’urushako rwawe n’umuryango ugihabwa n’umuco, cyangwa n’ijambo ry’Imana?” Ubundi buryo twabaza iki kibazo ni, “Mbese urimo kurya imbuto zo ku biti bikwiriye cyangwa ibiti bidakwiriye ushakisha ubujyanama cyangwa icyabeshako urushako rwawe? Ikindi kibazo ni iki, “Niba urimo gukura ubujyanama bw’urushako

rwawe mu mucu, mbese urushako rwawe n’umuryango wawe bibayeho bite?”

Zaburi ya Mbere ivuga icyo Bibiliya yita “Umuntu uhirwa cyangwa w’umunyamugisha.” Iri jambo “guhira” risobanuye “kwishima.” Kimwe mu bintu tubwirwa ku muntu uhirwa ni uko ahirwa kuko “Adakurikiza imigambi y’ababi.” (1) Mbese ukurikiza imigambi y’ababi? Urugero, iyo ufite ikibazo, mbese usanga umushumba wawe cyangwa undi muntu ukuze mu mwuka, uzi ibyanditswe kugira ngo akugire inama y’ubumana? Cyangwa usanga umuntu w’umupagani ndetse utubaha Imana kugira ngo akugire inama?

Igihe nigaga mu ishuri rya Bibiliya, nahoraga niguriza inguzanyo zo kwiga. Kuri banki aho twigurizaga amafaranga hari icyapa gitoya kigira kiti: “Niba uri umunyabwenge cyane, kuki utari umukire?” Nk’abanyeshuri ba kaminuza, twumvaga tuzi byose! Ariko icyo cyapa cyaraduhize. Kuki twari abakene cyane niba twari abanyabwenge cyane?

Hari benshi muri twe bagomba kwibaza kiki kibazo: Niba turi abanyabwenge cyane, kuki tutishimye? Kuki tudafite urushako n’umuryango wishimye? Hari ubwo wasanga biterwa n’uko tudasobanukiwe Bibiliya neza. Niba twishimye, kandi tukaba dufite

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

urushako rwishimye rw’icyitegererezo, ubwo kubw’ubuntu bw’Imana turi umugabo n’umugore uhirwa kandi dufite urushako n’umuryango uhirwa cyangwa w’umunyamugisha. Niba atari uko biri, ubwo tugomba gusanga Imana, umuntu ku giti cye maze twemerere Imana itubaze ibi bibazo.

Wasanga urushako rwacu n’umuryango wacu bidahirwa kuko dukurikiza imigambi y’ababi. Ubwo rero tugomba gusubira mu mahame y’umuryango n’urushako atangwa na Bibiliya mu byanditswe byera. Nidukomezamo kurya ku biti bidakwiriye cyangwa byabuzanijwe,” urushako rwacu n’umuryango wacu ntabwo bizigera bihabwa umugisha w’Imana.

Reka noneho nsubire kuri ibi bibazo bikomeye. Ikibazo cya kane Imana yabajije kigatuma Adamu yatura akihana, kandi ari cyo cya gatatu cyabajijwe Eva kigatuma yatura akihana ni, “Icyo wakoze icyo ni iki? (3:13) Ijambo kwatura mu byanditswe, ni ijamba rigari rigizwe n’amagambo abiri, ari yo, ‘kuvuga no gusa.’ Ubusobanuro nyamukuru ni, “kuvuga icyo Imana ivuga ku cyaha cyawe,” cyangwa, “kwemeranya n’Imana.” Dore icyo Imana iba ikora iyo ibaza Adamu na Eva, “Ni iki wakoze?” Imana izi neza icyo bakoze, ariko yashakaga kubumva bavuga icyo izi. Ibi rero ntabwo ari ku nyungu yayo, ahubwo ni ku nyungu yabo.

Iyo twaturiye Imana yacu ibyaha byacu, ntabwo tuba tubwira Imana ibyo itazi. Ntabwo ari ku nyungu y’Imana kuba twakwatura ibyaha byacu, ahubwo ni ukugira ngo dukizwe. Nta ntungane ibaho kandi nta nshako zitunganye zibaho. Buri muntu, ndetse na twembi nk’abashakanye tugomba kwemerera Imana ikatubaza iki kibazo, “Ukoze iki?” maze natwe tukavuga icyo Imana ivuga ko dukoze. Dufite isezerano ry’Imana ko “Nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose (1 Yohana 1:9), mu nshako zacu.

Dusanga ikibazo cya gatanu gikomeye imbere mu gitabo cy’Itangiriro, aho marayika w’Uwiteka ashaka Hagari w’umujakazi wa Aburamu na Sarayi wari wahunze. Marayika aramubaza ati, “Hagari muja wa Sarayi, urava he ukajya he?” (Itangiriro 16:8)

Ntabwo nzi niba ujya wibaza cyane ku bushake bw’Imana ku bugingo bwawe n’urushako rwawe, ariko, niba ujya ubikora, iki ni ikibazo cyiza wakwemerera Imana kujya ikubaza buri gihe. Ni cyo kibazo tugomba kwemerera Imana ikatubaza mu minsi ya nyuma y’umwaka mbere yuko dutangira umwaka mushya. Mu nshako zacu, iki ni ikibazo cyiza twakwibaza turi mu bihe byo kuganira n’Imana ku minsi ngaruka mwaka yo kwizihiza inshako zacu.

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

Ubusobanuro bw’icyo kibazo ni uko, tudafite icyifuzo cyo guhinduka, twasubira aho twavuye. Twakomeza mu bisanzwe cyeretse hagize igishya kibaho. Wari wigera ugera ahantu mu buzima bwawe aho wumva urambiwe kandi utakihanganira igitekerezo cyo guhora mu bisanzwe?

Bibiliya ntabwo ijya idusaba kwihindura ubwacu. Ahubwo idutegeka kwita ku bintu runaka maze ahasigaye twemerere Imana iduhindure. Yesu atubwira ko tugomba kuvuka ubwa kabiri (Yohana 3:3-5). Ariko ntabwo tubwirwa kwibyara mu mwuka cyangwa ubwa kabiri. Kubwira ni igikorwa kibaho tutakigizemo uruhare. Hari igihe runaka twavutse mu mwuka runaka. Kuvuka cyangwa kubyarwa byatubayeho. Ni nako bimera iyo tuvutse ubya kabiri cyangwa tuvutse mu mwuka. Tuvuka bwa kabiri. Duhindurwa no kwezwa kw’ibitecyerezo byacu. (Abaroma 12:1,2)

Abayoboze ba Yesu bavutse ubwa kabiri ni abantu bahindutse, ni abantu bahinduka kandi bagenda basatira ubuzira herezo ubwo bazahindurwa burundu. (II Abakorinto 5:17; 3: 18, I Abakorinto 15:51)

Kuba dushobora guhinduka bivuze ko tutagomba gusubira aho twavuye mu rugendo rwacu rw’ubuzima no kwizera. Ejo hacu

hashize cyangwa amateka yacu ntabwo atumenyeshya uko uyu munsi hacu hagomba kumera ndetse n’ejo hazaza hacu hazamera. Ntabwo tugomba kuguma mu bintu bimwe, umwaka ku wundi. Niba wumva utakwihanganira indi myaka cumi imeze nk’iyo umaze mu rushako rwawe cyangwa mu buzima bwawe, bibwire Imana kandi uysisabe kugira impinduka ikora ziribwuzuze uyu munsi hawe ndetse n’ejo hazaza n’ibyiringiro n’ishyaka ritacubwa.

Hari ikibazo gikomeye cya gatandatu mu gitabo cy’Itangiriro tugomba gusubiza imbere y’Imana, ari umuntu ku giti cye, ndetse na twembi, nk’abashakanye. Icyo kibazo ni, “Uri nde?” (Itangiriro 27:18, 32) Mu rundi rugero cyangwa andi marenga, Yakobo na Esawu bombi babazwa iki kibazo. Yakobo yarabeshye maze Esawu arira n’ijwi rirenga cyane babajijwe ngo, “Uri nde?”

Iki kibazo kibazwa inshuro nyinshi cyane muri Bibiliya. Mu gice cya mbere cy’Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana, hari ikibazo kibazwa Yohana Umubatiza, umuranga wa Kristo ku isi. Abayobozi b’amadini nibo bamubajije bati, “None se uri nde ngo dusubize abadutumye? Wowe wiyita nde?” (Yohana 1:22)

Yohana yasubirishije amagambo y’umuhanuzi Yesaya, agira ati: “Ndi ijwi ry’urangururira mu butayu ngo ‘Nimugorore inzira

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

y'Uwiteka.” (23) Cyari ikibazo cyoroheje kandi kirasa ku ntego. Ashobora no kuba yarongeyeho ngo, “Uwo niwe ndi we, icyo ni cyo ndi cyo, aho niho ndi. Ntabwo bishoboka ko naba igitandukanye n'icyo. Nta nubwo natekereza kuba ikiri muni y'icyo. Ndi uwo, icyo, ndetse n'aho ngomba kuba.”

Yesu yavuze ko Yohana ari we muntu ukomeye cyane mu babayeho bose. Ni iki cyamuteraga kuba ukomeye? Igisubizo kiroroshe. Ni uko yari azi uwo yari we, kandi yari azi n'uwo atari we. Yemeye inshingano yahawemo ubushobozi n'Imana, ndetse n'umugambi w'Imana. Ariko kandi yemeye n'ikigero cy'inkomyi ze. Yari azi igisubizo gikwiriye, igihe yabazwaga ngo, “Uri nde?”

Mbese uzi uwo uri we? Ni iki wivugaho? Iyo abantu babiri bari mu rushako rushimwe n'Imana bashaka kubaka no gukomeza urushako rwabo, buri muntu agomba kwiheraho. Umunezero n'uburyohe bw'urushako rwabo bizaterwa n'uko buri muntu ahagaze imbere y'Imana. Iyo buri umwe muri bo ashoboye kuvuga uwo ari we nk'uko Yohana Umubatiza yabigenjeje, icyo gihe baba bafite amatafari cyangwa amabuye yo kubaka urufatiro rwo kugira urushako rwiza n'umuryango mwiza. Numara kumenya ko Imana ikunda kubaza ibibazo ubwoko bwayo, uzabona ko ibikora mu Isezerano rya Kera ryose no mu Isezerano Rishya. Yesu yabajije

ibibazo mirongo inani na bitatu mu butumwa bwiza bwanditswe na Matayo. Uko ukomezamo kugenda ukura mu mubano wawe n'Imana, ujye wemerera Imana kukubaza ibi bibazo usoma Bibiliya yawe.

Ikibazo gikomeye cya karindwi, air cyo iki, “Uri iki?” ni ikibazo kigaragara muri aya magambo y'Intumwa Pawulo: *“Ariko binyuze ku buntu butagereranywa bw'Imana, ndi uko ndi. Ubuntu butagereranywa yangiriye ntibwabaye imfabusa, ahubwo nakoranye umwete kuzirusha zose. Icyakora si jye, ahubwo ni ubuntu butagereranywa bw'Imana buri kumwe nanjye.”* (I Abakorinto 15:10) Kandi yandikiye Abakorinto ati: *“Ni nde utuma uba umuntu utandukanye n'undi? Ubundi se ni iki ufite utahawe? Niba se waragihawe, kuki wirata nk'aho utagihawe?”* (I Abakorinto 4:7) Abo turi bo bifitanye isano n'impano karemano, n'ingabire karemano, n'ubushobozi karemano ndetse n'ingabire n'impano n'ubundi bishobozi bwo mu mwuka kandi bisobanura ibyo twaremewe gukora. Ibi bintu byose tubihabwa n'Imana kugira ngo biduhe ubushobozi bwo kuba abo ishaka ko tuba bo, icyo ishaka ko tuba cyo ndetse naho ishaka ko tuba.

Isezerano rya Kera ritangira Imana ibaza iti, “Uri he?” Isezerano Rishya ritangira abanyabwenge babaza bati, “Ari hehe?” (Matayo

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

2:2). Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana butangira Yesu abaza ikibazo gikomeye cya munani. icyo kibazo ni: “Murashaka iki?” (37) Yesu amaze kubaza iki kibazo cya munani, yarimo kubaza ibibazo bibiri abashakanye bombi bagomba gusubiza. Ibyo bibazo ni: mbese twaba dushaka kuba abo Imana ishaka ko tuba, icyo Imana ishaka ko tuba ndetse n’aho Imana ishaka ko tuba, kandi ibisubizo by’ibi bibazo turabishaka bingana iki?

Ikintu Gishakwa Cyane

Ibi bibazo umunani byo mu byanditswe bitwerekeza ku kuri ko mu mwuka gukomeye. Hari ahantu yifuza ko tuba muri ubu buzima. Hari uwo Imana ishaka ko tuba. Hari icyo Imana ishaka ko tuba ndetse n’icyo Imana ishaka ko dukora muri iyi si. Iyo Kristo wazutse yinjiye mu buzima bwanjye, kimwe nk’Intumwa Pawulo, icyo tugomba gushaka cyane ni ugusingira impamvu cyangwa intego yo gukizwa kwacu. Ikibazo tugomba kuyibaza buri muni ni, “Mwami, ni iki ushaka ko nkora?” Ahantu honyine twakura umunezero ni mu kintu Pawulo yise, “Ubushake bw’Imana bwiza, bushimwa, kandi butunganye rwose Mu bushake bw’Imana butunganye rwose, tuhabona umwanya wacu, agaciro kacu, ndetse n’umuhamagaro wacu wihariye.” (Abaroma 12:2)

Ikiranga Cyerekezo Cyo Mu Mwuka

Ubwo ikiranga cyerekezo kigira ibice umunani bitandukanye, ibi bibazo tumaze kuganira mbifata nk’ikiranga cyerekezo cyanjye cyo mu mwuka. Mbireba kenshi. Ibibazo ntibihinduka, ariko ibisubizo bihora bihinduka. Hari ibisubizo bizima by’ibi bibazo, kandi ntabwo wowe ndetse n’uwo mwashakanye yanezerwa atarabona ibyo bisubizo. Ganira kuri ibi bibazo n’uwo mwashakanye, noneho muganire ku bisubizo buri muntu avuge uko yumva ibyo bisubizo we nk’umuyoboze wa Kristo, mwebwe nk’umuryango ndetse nk’abashakanye.

Nshingiye ku burambe bw’imyaka mirongo itanu ngira inama imiryango y’abahakanye bizera Imana, icyo nabonye niuko iyo umugabo cyangwa umugore atishimye, n’umubano wabo nta byishimo bizawubamo. Impamvu rukumbi kandi ikomeye cyane yo kutanezerwa kw’abizera Kristo ni ukutagira ibisubizo bikwiriye by’ibi bibazo by’Imana bikomeye ndetse n’ibindi nka byo.

Ndagira ngo mbahige nk’abashakanye, kugira ngo mushakishe urwego rwimbitse rw’imivuganire musubiriza ibi bibazo imbere y’Imana kandi mubiganireho. Hanyuma utege amatwi uwo

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

mwashakanye wumve ibisubizo bye. Nubikora uratangazwa n’ibyo Imana yakora mu buzima bwawe.

Ni ibintu bibabaje kuba umuntu wubaha Imana yabaho ubuzima ntiyigere atekereza kuri ibi bintu. Hari abakristo benshi babayeho ubuzima baratsinzwe kandi ntibanabimenye. Niba utanyuzwe n’ubuzima bwawe bwo mu mwuka, tekereza kuri ibi bibazo nk’aho Imana irimo kubikubaza byose, kimwe ku kindi. Ibi bibazo n’ibisubizo byabyo byahindur ubuzima bwawe. Ibi iyo bibaye ku mugabo cyangwa umugore ukunda Imana, kuzura kwe ko muri Kristo kwamuhindura ndetse bigasenderera no mu rushako rwe.

Igice cya 3

Igikorwa Kigaragaza Umunezero w’Ubumwe

Mu nkuru y’irema, dusoma mu gitabo cy’Itangiriro ko Imana yarebye ibyo yaremye byose maze iravuga iti, “Ni byiza.” Ariko ibona hari “ikitari cyiza.” Maze iravuga iti, “Si byiza ko uyu muntu aba wenyine.” (Itangiriro 2:18) Maze Imana iemera Adamu umufasha umukwiriye, maze bombi baba “umubiri umwe.”

Kimwe mu bintu bya mbere tugomba kwitegereza ku gikorwa cy’imibonano mpuzabitsina cyaremwe n’Imana ni uko Imana yaremye imibonano mpuzabitsina kugira ngo habeho kororoka.

“mwororoke mugwire,” ni ko yategetse Adamu na Eva. (Itangiriro 1:28) Twize ko urushako ari umugambi w’Imana wo kuzuza isi abantu bazima. Ntabwo ishaka kuzuza isi abantu gusa, ahubwo ni ukuyuzuzamo abantu bazima. Kugira ngo ibyo bibe, ababyeyi bagomba kuba ari abantu bakuru kandi badahuje ibitsina. Kandi bagomba kuba ari abashakanye bakomeye kugira ngo babe ababyeyi bakomeye maze bashobore kubyara abantu bakomeye binyuze mu rushako rwabo n’umuryango wabo. Nuko rero, birumvikana ko Imana yaremye imibonano mpuzabitsina kugira ngo ikorwe n’abashakanye kandi babaye umuryango, kandi yayiremye kugira ngo habeho kororoka.

Ibirenze kororoka kuba ari yo mpamvu yatumye Imana irema imibonano mpuzabitsina, Imana yagennye ko imibonano mpuzabitsina iba inzira ikoreshe mu bashakanye. Iyo abashakanye bafite ibibazo mu mibonano mpuzabitsina yabo, mbere yuko basobanura ibibazo biri mu mibonano mpuzabitsina yabo, bagomba kubanza bagasuzuma ubumwe bwabo bwo mu mwuka. Bagomba gutekereza ku mivuganire yabo n’ibindi bice byo guhuza kwabo. Bagomba gutekereza ku bintu biranga urukundo rwa Kristo n’ibibazo biterwa no kumenyana kwabo. Ubwo bwonyine nibwo

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

bagomba guhangana n'ibibazo byo mu mibonano mpuzabitsina byabo.

Ntabwo ari ibanga ko imibonano mpuzabitsina, Imana yaremeye kuba igikorwa kigaragaza umunezero w'ubumwe bwacu, cyaba inkomyi y'ubumwe bwacu. Iyo igikorwa cyo mu mubiri kigaragaza umunezero w'ubumwe bwacu kiri uko Imana yagennye ko kiba, wasanga ari icumi ku ijana gusa ry'umubano wose. Ariko iyo igikorwa cyo mu mubiri kitari uko Imana yagennye, hari ubwo cyateza mirongo cyenda ku ijana y'ikibazo mu rushako. Hari inshako zisenyuka bitewe n'imibonano mpuzabitsina, kuko iyo umwe mu bashakanye atanyuzwe, ntabwo bitinda ahita abona undi muntu wamuha uko kunyurwa.

Byumvikana yuko icyo Imana yagennye ko kiba uburyo bwo kugaragaza ubumwe bwacu mu munezero, hari ubwo bwaba imwe mu nkomyi zikomeye cyane z'ubumwe bwacu. Umwanzu wenyine niwe ufata icyaremwe n'Imana kugira ngo kibe uburyo bwo kugaragaza umunezero w'ubumwe bwacu akagihindura kikaba imwe mu nkomyi zikomeye cyane z'ubumwe bwacu.

Iyo imibonano mpuzabitsina itera mirongo cyenda ku ijana y'ibibazo biba hagati y'umugabo n'umugore, ikintu cya mbere

bagomba kwitaho: Ni iki bagaragaza iyo bakora imibonano mpuzabitsina? Iyo ari nta bumwe bwo mu mwuka buhari, nta mivuganire myiza ihari, nta rukundo ruhari, nta bwumvikane cyangwa kumenyana guhari, ni iki baba bagaragaza? Iyo izi nzego z'umubano zimbitse, imibonano mpuzabitsina yabo yaba ite uko Imana yagennye ko iba? Iyo ari nta bumwe nyabwo bwo kugaragaza, imibonano mpuzabitsina yabo imera nko kwimya kw'inyamaswa gusa.

Iyo urimo gukora igikorwa cy'imibonano mpuzabitsina, mbese uba ushishikajwe no kunyurwa no kuryohereza k'uwo mwashakanye murimo kuyikorana? Uko ni ko kwiyemeza gutuma imibonano mpuzabitsina iba uko Imana yegennye. Mu yandi magambo, iyo batabwiranye umugozo w'urukundo nk'uko Imana yageneye urushako rwabo, ntabwo bazigera bagira imibonano mpuzabitsina Imana yavuze ko ari "myiza cyane." Tubivuze mu bundi buryo, urwego rw'ubumwe bwabo bwo mu mwuka, nirwo rugena ubwiza bw'imibonano mpuzabitsina bafite mu rushako rwabo.

Imana yaremeye imibonano mpuzabitsina kugira ngo habeho kororoka, ndetse no kugira ngo ibe igikoresho cyo kugaragarizanya umunezero w'ubumwe mu bashakanye, ariko kandi yanayiremye kugira ngo habeho kwishima. Ntabwo nzi aho byahereye, ariko hari

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

banwe bavuga ko byahereye mu gihe cya Victoria mu bwongereza. Ariko cyera cyane, hari abantu b’Abakristo bagize igitekerezo cy’uko imibonano mpuzabitsina atari myiza. Uko babivugaga, bavugaga ko Imana ari ntaho ihuriye n’imibonano mpuzabitsina.

Ntabwo nzi uko nashimangira ukuntu ari ingenzi cyane ko twirengagiza iyi mitekereze itari iya Bibiliya. Iyo umugabo cyangwa umugore yemera ko imibonano mpuzabitsina atari myiza, cyangwa ko ari mibi, hari ubwo yaba ari ikiremba cyangwa akonjera mu gikorwa cy’imibonano mpuzabitsina. Imibonano mpuzabitsina yarejejwe. Irera. Ntabwo tugomba kwemera ibitandukanye n’ibi cyangwa tukabwira abana bacu ibindi bitari ibi. Iki ni ikibazo gikomeye. Niba ushaka ko abahungu bawe bakomeza kuba imanzi n’abakobwa bawe bagakomeza kuba isugi kugeza umunsi w’ubukwe bwabo, birakomeye cyane kubabwira kwirinda imibonano mpuzabitsina utababwiye ko imibonano mpuzabitsina ari mibi cyangwa hari ikibazo ifite.

Uhereye ku nkuru y’irema, Bibiliya itubwira ko imibonano mpuzabitsina ari myiza. Urugero, Indirimbo ya Salomo, ni kimwe mu bitabo byiza cyane byo muri Bibiliya. Uko jye mbibona ni uko intego ya cyo mu byanditswe byera ari ukutwerekako imibonano mpuzabitsina ari myiza kandi yaremwe n’Imana. Ni byiza cyane

kugira imibonano mpuzabitsina nk’igaragazwa mu Ndirimbo ya Salomo. Hari n’umugani cyangwa amarenga. Indirimbo ya Salomo itanga ishusho y’urukundo Kristo akunda Itorero, n’urukundo Imana Yehova ikunda Isirayeli. Ariko ubwo ni ubutumwa bwa kabiri. Ubutumwa nyamukuru bw’igitabo cy’Indirimbo ya Salomo ni ukutwerekako imibonano mpuzabitsina ari myiza.

Imibonano mpuzabitsina ni myiza. Yaremwe n’Imana kugira ngo ibe iyera, yarejejwe, ni myiza kandi ibe igikorwa kigaragaza umunezero uri hagati y’umugabo n’umugore we. Ikindi gitekerezo kivuga ku mibonano mpuzabitsina y’abashakanye kitagizwe n’ibi bintu bigize imibonano mpuzabitsina y’abakundanye ntabwo gituruka ku Mana, ahubwo gituruka ku mubi.

Ni ibiki ushaka kubona ndetse utekereza iki ku mibonano mpuzabitsina mu bashakanye? Gutegeka kwa Kabiri 24:5 havuga itegeko ry’Abayuda ryagenaga igihe cy’umunezero mu bakimara gushakana. Haravugaga ngo: *“Umugabo naba arongoye vuba ntazatabare kandi ntazakoreshe umurimo wose, amare umwaka iwe aruhutse anezeze umugore yarongoye.”*

Abasomyi ba Bibiliya benshi bavugaga ko iryo jambo “anezeza” risobanuye ko umugabo yagombaga kunezeza umugore we mu

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

mibonano mpuzabitsina. Mu yandi magambo, itegeko ryashyiragaho umwaka wose w'ukwezi kwa buki. Mbese urabona ibi hari icyo bivuga ku kuntu Imana ifata imibonano mpuzabitsina?

Mu Isezerano Rishya hari uguhigwa ko kubaha urushako no kurinda kwera k'ubusabane bw'imibonano mpuzabitsina iba hagati y'umugabo n'umugore we. Haravuga ngo, *“Kurongorana kubahwe na bose, kandi kuryamana kw'abarongoranye kwe kugira ikikwanduza, kuko abahehesi n'abasambanyi Imana izabacira ho iteka.”* (Abaheburayo 13:4) Hano Imana irwanya ubusambanyi yihanukiriye, ariko ivuga ko urushako rwubahwa kandi ko imibonano mpuzabitsina y'abashakanye yejeje.

Wanafashwa usomye 1 Abakorinto 7:1-7, Imigani 5:15-20, n'Indirimbo ya Salomo. Itegereze ibi byanditswe, maze wibaze ku byo utekereza ndetse ushaka ko imibonano mpuzabitsina iba. Imyumvire ni ingenzi cyane mu gikorwa cy'imibonano mpuzabitsina. Bimaze kuvugwa no kumenyekana cyane ko igitsina cy'ingenzi cyane ari ubwonko bwacu.

Wahuza igikorwa cy'imibonano mpuzabitsina n'urugero rw'ibiti rwo mu gice cya gatatu cyo mu gitabo cy'Itangiriro nasobanuye mu gice cyabanjirije iki. Waremanywe ubushake bwo gukora imibonano

mpuzabitsina, ariko icyifuzo gikuru ufite ni ugusaba Imana kugukemurira icyifuzo cy'amaso, cyangwa kukwereka intego, uruhare ndetse n'akamaro k'imibonano mpuzabitsina. Iki cyifuzo nukigira icya mbere, ntabwo uzigera ucikwa n'ibyo Imana yagennye ubwo yabahaga wowe n'uwo mwashakanye uburyo bwo kugaragarizanya urukundo mwishimye. Nubikora uko Imana ibishaka, uzabona kunyurwa n'uburyohe bwose buba mu gikorwa cy'imibonano mpuzabitsina. Ariko nushyira imbere guhaza icyifuzo cyawe cyo gukora imibonano mpuzabitsina, cyane cyane hanze y'urushako, uzahura n'ingaruka zikomeye.

Imana ikoresha ibyanditswe kugira ngo itwereke uko twareba ibintu. Nitwemerera ijambo ry'Imana kutwereka uko imyumvire yacu igomba kumera ndetse n'icyo dushaka mu mibonano mpuzabitsina, tuzamenya ko imibonano mpuzabitsina yaremwe n'Imana gukorerwa mu mishanga yaremwe n'Imana, ari yo urushako n'umuryango.

Mbese ukura he ubumenyi bw'imibonano mpuzabitsina? Niba ubukura mu mucu, ntabwo urimo kubona ubumenyi bwagufasha kurema urushako rwishimye n'umuryango wa Gikristo. Noneho se ni hehe ugomba gukura ubumenyi bw'imibonano mpuzabitsina? Mu bigisha se? Mu baganga se? Muri leta se? Hari abantu bavuga ko

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

inshingano y’imibonano mpuzabitsina igomba gusobanurirwa mu rugo. Ariko se ni nde wigisha abo bantu bubaka ayo mago? Ni hehe abashakanye babwirirwa umugambi w’Imana ku mibonano mpuzabitsina?

Namaze kwanzura yuko itorerero niritababwira, ntawuzababwira kandi ntawugomba kubabwira. Tuvugishije ukuri, ni hehe wakwigira uruhare nyarwo n’akamaro k’imibonano mpuzabitsina nutabwigira mu itorerero? Urushako rwaremwe n’Imana, kandi rwarditswe mu ijamba ry’Imana. Ni nako bimeze ku mibonano mpuzabitsina. Iyo usomye ibyanditswe nk’Indirimbo ya Salomo, umenya ko Imana idacecetse ku byerekeye n’imibonano mpuzabitsina. Ubwo rero abavugabutumwa ntabwo bagomba guceceka.

Mpora mvuga ko mbere yuko umuntu yigisha cyangwa abwiriza mu gitabo cy’Indirimbo ya Salomo, agomba kuba afite imvi. Igihe nari umusore niga mu ishuri rya Bibiliya nitegura kujya mu murimo w’Imana, hari umusaza wair ufite imvi waje kutuganiriza ku mibonano mpuzabitsina. Nyuma y’ikiganiro cye cyiza cyaduhaye ubumenyi bwinshi kandi kikadufasha cyane, naramubajije nti, “Ni ryari gushaka gukora imibonano mpuzabitsina bigenda bishira? Ni ryari ikibatsi gitangira gucogora?” Yarasetse cyane maze aravuga

ati, “Ntabwo mbizi rwose!” Yari afite imyaka mirongo inani n’ibiri y’ubukuru! Ubwo rero, urabona ko bitagusaba kuba uri muto mu myaka kugira ngo uryohere n’igikorwa kigaragaza umunezero w’ubumwe.

Igikorwa cy’imibonano mpuzabitsina cyagenwe n’Imana kugira ngo gihe umugabo n’umugore we uburyohe butangwa na cyo. Ariko dushingiye ku makuru ashirwa ahagaragara n’ubushakashatsi, hari abagore benshi batajya babona ubwo buryohe cyangwa kunyurwa. Nemera ko ebyiri mu mpamvu nkuru zibitera ari akwikunda n’ubujiji bw’abagabo.

Bya bintu cumi na bitanu bisobanura urukundo biri mu 1 Abakorinto 13, navuze mu gitabo cya mbere cy’ibi bitabo bibiri hari irindi shingiro bifite. Ubwo twese turi abanyabyaha, icyo dushyira imbere mbere yuko dukizwa ni twe. Ariko iyo dukijijwe, Kristo niwe dushyira imbere, hanyuma n’abandi bose baza mu buzima bwacu. Iyo twashatse, undi muntu ukomeye mu buzima bwacu ni uwo tuba twarashakanye nawe. Kugira ngo habeho kunyurwa cyangwa kuryohere n’imibonano mpuzabitsina hagati y’umugabo n’umugore we, umugabo agomba gushyira imbere umugore we kugira ngo abe umukunzi Imana yagennye ko aba we.

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

Abahinduye ishingiro ry’ubuzima nibo bonyine baryoherwa ndetse banyurwa n’imibonano mpuzabitsina n’abo bashakanye nabo nk’uko Imana yabigennye. Ibi bivuze ko umugabo n’umugore we bagomba kujya bavugana. Hari ubwo umugabo yatekereza ko icyo arimo gukora kirimo gutuma umugore we afashwa kandi abohoka, kandi kirimo gukora ibinyuranye n’ibyo. Umugore agomba kumubwira, akamubwira icyo ashaka n’icyo yifuza. Hari abantu benshi bafite ibintu bibi by’imibonano mpuzabitsina byababayeho, kandi ibi bintu hari ubwo byatuma bibakomerera kuryoherwa no kunyurwa n’imibonano mpuzabitsina. Ibi bintu bigomba gushyirwa ahagaragara kugira kugira ngo habeho gukira mu mutima maze hakurikireho kuryoherwa no kunyurwa n’imibonano mpuzabitsina.

Igice cya 4

Igice cya Bibiliya cy’Urushako

Igice cya kaindwi cy’urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto ni kimwe mu byanditswe byiza cyane byigisha ku bwiza bw’urushako. Pawulo ababwira iyo ngingo asubiza ibibazo itorero ry’i Korinto ryamubajije mu rwandiko bamwandikiye. Iyo usoma ibisubizo bye, umenya ibibazo bamubajije ibyo ari byo.

Mu murongo wa 26 Pawulo yaranditse ati, *“Nuko ndibwira yuko ari byiza ku bw’iki gihe kirushya kiriho none, ko umuntu aguma uko ari.”* Igihe kirushya cyari iki? Iyo urebye, ubona ryari itotezwa. Abakristo babayeho baterwa ubwona bw’itotezwa igihe kirekire, kandi birumvikana ko iyo wabaga urimo gutotezwa, gufungwa, cyangwa uhabwa intware ngo zikurye, byaba byiza kutagira abana n’umugore. Mu mbyaro nyinshi, ndetse no mu bice byinshi bitandukanye, hariabashakanye benshi bahagaritse imigambi yabo kugeza ubwo intambara barimo kunyuramo irangira.

Abakorinto bari barabajije Pawulo ibibazo nka, *“Mbese abana bacu bashaka muri iki gihe turimo, nk’uko bisanzwe?”* Pawulo arabasubiza ati, *“Oya.”* Hari inshuro nyinshi muri iki cyanditswe Pawulo avuga ngo, *“Ibyaba byiza ni uko umuntu yaguma ari inaragu”* kandi avuga ngo bitewe n’igihe kiruhije barimo.” Hanyuma barongera baramubaza bati, *“Nibaguma ari ingaragu, none se ubwo bakora imibonano mpuzabitsina?”* Maze Pawulo arabasubiza ati, *“Oya, ntibikabe. Niba utagiye gushaka, niba utagiye gukorera iyo mibonano mpuzabitsina mu rushako, ubwo ntabwo byaba byiza ko ugira irari ry’umubiri.”*

Pawulo arandika akavuga ati, bitewe n’ibihe biruhije biriho, byaba byiza urwo rubyiruko rudashatse; kandi nibadashaka, ntibagomba

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

gukora imibonan mpuzabitsina. Ibi bisobanuro iri jambo ritangira interuro rivuga ko *“ibyaba byiza ari uko umugabo adakora ku mugore.”* Mbega uburyo butangaje bwo gutangira igice cyigisha ku rushako! Pawulo akavuga ko niba badashoboye kwifata cyangwa gutegeka ubushake bwabo bwinshi bwo gukora imibonano mpuzabitsina, bagomba gushaka, kuko ari byiza gushaka cyangwa kurongora kurusha gutwikwa n'irari.

Hanyuma se abari barashakanye? Mbese bagomba gukora imibonano mpuzabitsina nk'uko bisanzwe? Pawulo asubiza mu cyanditswe gikomeye kivuga ku mibonano mpuzabitsina hagati y'abashakanye. Dore uko yavuze: *“Ibyerekeye ibyo mwanyandikiye, ibyiza ni uko umugabo adakora ku mugore. Ariko kubwo kwirinda gusambana, umugabo wese agire uwe mugore, n'umugore wese agire uwe mugabo. Umugabo ahe umugore we ibimukwiriye kandi n'umugore na we abigenze atyo ku mugabo we, kuko umugore adatwara umubiri we ahubwo utwarwa n'umugore we. Ntimukimane keretse ahari musezeranye igihe, kugira ngo mubone uburyo bwo gusenga, kandi mwongere guhura Satani atabageragerasha iruba ry'imibiri yanyu. Ariko ibyo mbivuze ku bwanjye si amategeko mbategeka, kuko nashaka ko abantu bese*

bamera nkanjye, ariko umuntu wese afite impano ye yahawe n'Imana, umwe ukwe undi ukwe.” (1 Abakorinto 7:1-6)

Ubu ni ubujyanama bw'urushako bwiza cyane buvuga ku guhuza imibiri kw'abashakanye b'Abakristo. Zimwe mu ncamake z'ibyo Pawulo yarimo kuvuga yandika ku kugaragaza umunezero w'ubumwe bw'umubano w'urushako rushimwa n'Imana ni izi:

Gushaka gukora imibonano mpuzabitsina bigira imbaraga, ariko urushako rugira imbaraga zihagije zo kurinda no gutanga ubuzima bw'imibonano mpuzabitsina iryoshye kandi ihagije zarinda abo bashakanye ibigeragezo mu muco wangiritse abashakanye bo muri Korinto bari batuyemo.

Icyo ashimangira ni uko umugabo agomba gushaka kunyurwa k'umugore we, nk'uko umugore na we agomba gushaka kunyurwa k'umugabo we. Mu yandi magambo, umugabo agomba gukora ibyo akora byose kugira ngo ashimishe umugore we kandi n'umugore na we agomba gukora ibyo akora byose kugira ngo ashimishe umugabo we.

Kwirinda imibonano mpuzabitsina biremewe, ariko kumara igihe runaka no kugira ngo abashakanye begere Imana basenga ndetse

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

biyiriza ubusa. (Kuribwa umutwe ntabwo bigomba kuba urwitwazo rwo kudakora imibonano mpuzabitsina).

Ihame ry’ingenzi hano ni uko umubano wa buri umwe n’Imana aba ari ibanga kandi ari uw’umuntu ku giti cye. Nubwo uwo mubano baba bawusangiye mu buryo bwinshi, kandi umubano bafitanye n’Imana akaba ari rwo rufatiro rw’ubumwe bwabo, ntabwo bashishikarizwa gushaka kwegera Imana bombi nk’abashakanye.

Ingingo yo guhuza ni ingenzi rwose. Hari ikibazo kimwe cyerekeye ku mibonano mpuzabitsina gihora kibazwa n’abantu bamaze igihe kirekire bashakanye iyo baje mu bujyanama bw’urushako. Barabaza bati, “Haba hari ibintu byangijwe cyangwa bidakwiriye?” Ntekereza ko igisubizo ari uko ari nta kintu hagati y’umugabo n’umugore we kiba kidakwiriye iyo bombi kibashimisha. Ahubwo ikibazo nya cyo ntabwo ari, “Igikwiriye ni iki,” ahubwo ni “Icyo bashaka bombi ni iki?” Abantu bakunda kubaza inshuro bagomba gukora imibonano mpuzabitsina, inshuro zemewe, cyangwa zikwiriye. Ikintu cy’ingenzi cyane ni ugushimisha abashakanye bombi.

Itegereze ko Pawulo avuga ko gukora imibonano mpuzabitsina ari amahitamo. Ni icyemezo cyo kunezeza cyangwa gukorera uwo mwashakanye ibimushimisha. Iyo wiyemeje gukunda umuntu

runaka, uba wiyemeje no guhuza umubiri nawe mu gikorwa cy’imibonano mpuzabitsina. Byagenwe n’Imana ko kuba kwiyemeza kwa bombi, ko mu bushake, kandi kutagira icyo gushingiraho. Iyo buri umwe mu bashakanye amaramarije kunezeza, cyangwa gufashwa kwa mugenzi we, ubwo baba bafite urufunguzo rutuma imibonano mpuzabitsina yabo igenda neza.

Abagabo bakunda kubwira abajyanama bati, “Umugore wanjye ntabwo akunda imibonano mpuzabitsina. Nakora iki kugira ngo ayikunde?” Ni nako kandi bimera no ku bagore. Baravuga bati, “Umugabo wanjye ntabwo akunda imibonano mpuzabitsina.” Kudakunda gukora imibonano mpuzabitsina mu bashakanye akenshi ni yo ntandaro yo kudaharanira kugubwa neza kwa mugenzi wawe kuri umwe mu bashakanye cyangwa kuri bombi.

Namaze kuvuga ko ari ngombwa ko umugabo ari we ufate iya mbere agashishikazwa no kunezeza uwo bashakanye muri iki gikorwa cy’imibonano mpuzabitsina. Niba uri umugabo ufite ikibazo cyo kugabanyuka k’ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina n’uwo mwashakanye, ugomba gushaka ubumenyi bukwiriye ku gukora mibonano mpuzabitsina. Mu biganiro by’imibonano mpuzabitsina abagabo bajya bagirana n’abandi, ikibabaje ni uko abagabo benshi batazi imiterere y’umugore mu

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

byerekeye imibonano mpuzabitsina. Mbese umugore wawe ajya anyurwa cyangwa agera ku rwego rwagenwe iyo mukoranye imibonano mpuzabitsina? Niba hari ubwo bitajya biba cyangwa bitarigera biba na mba, ndagira ngo nkubaze ikibazo: Iyo wowe uba utagera ku rwego rw’uburyohe bwinshi cyane cyangwa aho usohora, mbese ibyo byagira ngaruka ki ku myumvire yawe ku guhuza imibiri n’umugore wawe? Iki ni ikibazo cyiza.

Itegeko rikuru rigomba kwitabwaho hano. *“Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose mube ari ko mubagirira namwe, kuko ayo ari yo mategeko n’ibyahamuwe.”* (Matayo 7:12) Guhigwa kuri mu itegeko rikuru ni ukwishyira mu kirenge cy’undi muntu. Iyo uba ari wowe mugenzi wawe udakunda gukora imibonano mpuzabitsina, ni iki wakwifuzaga ko uwo mwashakanye akora? Nubona igisubizo cy’icyo kibazo, ubikore, kuko iryo ari ryo tegeko rikuru ry’igikorwa cy’umunezero w’ubumwe bw’abashakanye.

Bivugwa yuko mu nzandiko zanditse na Petero na Pawulo, urugero rw’urushako ari Kristo n’Itorerero. Byagenwe ko guhuzwa burundu kw’abantu babiri batandukanye, kandi ibi bishushanywa mu mubano wa Kristo n’Umugeni we, ari we Itorerero. Ni ubumwe bwo mu mwuka. Nubwo guhura kw’imibiri kugirwa no kunezerwa kwa bombi, ukaba umubano utagira icyo ushingiyeho, hagomba kuba

n’ubuzima bw’umwuka mu mubano. Ubwo buzima bw’umwuka ni urukundo rwa Kristo ritukunda kandi rushyira inyungu z’abandi imbere.

Igice cya 5

Ibitangaza Birindwi byo mu isi byo mu Mwuka

Cyera narimo gusangira ifunguro rya kumanywa n’umugabo, maze ambwira koi torero rye ryamugize umukuru n’umuyobozi mukuru w’itsinda nyobozi ry’itorero. Maze aravuga ati, “Tekereza ibyo bintu. Nta nubwo ndi Umukristo!”

Undi mugabo twarimo gusangira natwe iryo fungura aramubwira ati, “Ntabwo waba umukuru mw’itorero ry’uyu mugabo ubaye utari Umukristo.” Maze arasubiza ati, “Ubwo ni wowe maze igihe kirekire nshaka guhura nawe. Ndagira ngo nkubaze ikibazo. Umukristo ni iki?”

Maze iminota nk’itanu mvuga, areba ku isaha ye maze aravuga ati, “Nkubajije igihe gusa none urimo kumbwira uko isaha ikorwa. Mbese ntiwabimbwira neza ukansubiza ikibazo cyoroheje nkubajije?”

Umwami yakoresheje uwo mugabo kunyereka ko ngomba kuba niteguye neza gusubiza icyo kibazo. Maze nandika agatabo gatoya

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

nise, “Ibitangaza birindwi byo mu isi byo mu mwuka.” Intego yanjye kwari ukugira ngo mbwire umuntu udakijijwe ibyo akeneye kumenya ndetse n’ibyo akeneye gukora kugira ngo yakire agakiza.

Nk’uko nabaganirije iyi myigishirize ya Bibiliya ku rushako, nababwiye ko ibyo nababwiye byose bidashoboka iyo utari umwigisha wa Yesu Kristo wavutse ubwa kabiri. Yesu yatubwiye ko tutakwigera tuba abashakanye bakwiriye tutabifashijwemo n’Imana. (Matayo 19:3-11) Salomo yatubwiye ko tutaba ababyeyi bakwiriye tudafashijwe n’Imana (Zaburi 127). Ubutumwa bwa Bibiliya bwose, bushimangirwa na Yesu, ni uko tutaba abantu bakwiriye tudafashijwe n’Imana. (Yohana 3:6,7) Ntabwo nakwanzura uyi nyigisho ntababwiye ibyo mugomba kumenya n’ibyo mugomba gukora kugira ngo muvuke ubwa kabiri. Nuko rero, ndagira ngo nsozanye na “Ibitangaza Birindwi by’Umwuka byo mu Isi.”

Igitangaza cya mbere cy’umwuka ni icyo nita, “Ikiremwa gikomeye cyane ku isi.” Iyo urebeye iyi si mu gikoresho cyagura cyangwa kibyimburutsa ibintu, watangazwa n’ibyo wabona. Ariko kuri jyewe nawe, ikintu cy’ingenzi cyane cyaremwe muri iyi si ni umugambi Imana ifitiye buri muntu uvukira muri iyi si. (Abaroma 12:1,2; Zaburi 139:16)

Buri muntu waremwe n’Imana afite umwihariko kandi nta wuteye nka we. Mbese ntibitangaje kuba ku isi hari abantu barenga miliyari zirindwi, ariko hakaba ari nta numwe muri abo bantu bose ufite intoki nk’izundi? Ubu dusigaye dufite ibyuma bikoreshwa n’ikoranabuhanga byakumenyera ku “ijwi” ryawe, kuko ari nta muntu uvuga nk’uko uvuga. Muri iki gihe hakoreshejwe ikoranabuhanga rya DNA, umwihariko w’imiterere ya buri muntu wamenywa kandi ukagaragarizwa mu nkiko z’amategeko ku isi hose. Niba igitangaza cy’umwihariko wa buri muntu bwite cyagaragazwa, none se ubwo birakomeye kwemera ko Imana yaremanye buri muntu umwihariko w’imiterere ye, ifitiye umugambi w’umwihariko buri umwe wese ku isi? Dushingiye kuri Bibiliya, tubona ko Imana ifite uwo mugambi kandi uwo mugambi ni kimwe mu bitangaza byo mu isi byo mu mwuka.

Waba wibaza uti, “Niba Imana ifitiye umugambi buri muntu, kuki abantu benshi mu isi bababaye, kandi kuki isi yacu yuzuyemo intambara, imidugararo, ndetse n’ibibazo byinshi cyane by’abantu?” Ikibazo cyawe kirasubizwa n’igitangaza cyo mu mwuka cya kabiri cyo mu isi, njya nita “Ubutane bukomeye cyane mu isi.” Mu bice byinshi by’isi ubutane bwa burundu bumaze kuba icyorezo, ariko ubutane bukomeye cyane muri iyi si ni ubutuane bw’Imana

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

n'umuntu.

Bibilia itubwira ko Imana yaremanye umuntu amahitamo. Yahaye umuntu ubushobozi bwo kubwira umuremyi we ngo, “Wandemanye umugambi ukomeye, ariko ntabwo nwyushaka. Ndashaka kwiberaho uko nshaka.” Ibyanditswe bitubwira koi bi ari byo buri muntu abwira Imana. Ibi Bibiliya ibyita icyaha. Abantu batandukana n'Imana iyo bakora ibikorwa by'ibyaha byo kugomera Imana, kandi Imana ikabareka bakabikora. Uku gutandukana n'Imana niyo ntandaro y'ibibazo byose tubona mu isi muri iki gihe. Kuba Imana ituremana ubushobozi bwo kwitandukanya nayo ni ikindi gitangaza cy'umwuka cyo mu isi.

Igitangaza cya gatatu cy'umwuka cyo mu isi nkita, “Urujijo rukomeye cyane rwo mu isi.” Bitewe n'ubutane bukomeye bwo mu isi, Imana yagize urujijo nk'urwo natwe ababyeyi tujya tugira. Dukunda abana bacu kandi hari imyitwarire n'imyumvire tuba dushaka ko bagira cyangwa tubabonamo. Ariko, ikibabaje cyane ni uko bakora ibitadushimisha. Baratubabaza iyo bakoze ibyo bintu. Iyo ibyo bintu bibaye, ni gute tugomba kubyitwaramo? Tuba dushaka kugaragariza abana bacu urukundo tubakunda, ariko ntabwo tuba dushaka kwirengagiza ibi bikorwa byabo bibabaje. Uru ni urujijo buri mubyeyi wese agira.

Hari ukuntu rero n'Imana igira urwo rujijo cyangwa ikibazo (ntabwo ndimo kuvuga ko yakwigera ihura n'ikibazo itashobora gukemura). Ibona abo yaremnye bitandukanya nayo maze bagakora amarorerwa itigeze yifuza ko bakora. Ikibazo gikomeye cyane cyangwa urujijo rukomeye cyane mu isi ni urujijo Imana igira buri manywa n'ijoro iruterwa n'umuryango wa muntu.

Iki kibazo gikomeye cyane cyo mu gikemurwa n'icyo twumva mu gitagaza cy'umwuka cya kane, ari cyo, “Amagambo akomeye cyane u isi.” Amagamb akomeye cyane mu isi ntabwo ari inyandiko ya leta. Ahubwo amagambo akomeye cyane mu isi ari muri Bibiliya, yitwa, “Ubutumwa Bwiza,” cyangwa “Inkuru Nziza” ivuga ko Imana yohereje mu isi Umwana wayo w'Ikinege kugira ngo apfire jewe nawe ku musaraba. Abikoze, Imana yakoze ibyagombaga gukorwa byose kugira ngo ikemure ikibazo gikomeye cyane maze ikureho gutana gukomeye cyane mu isi. Iyo usobanukiwe aya magambo akomeye, umenya ko umusaraba wa Yesu Kristo ari kimwe mu bitangaza byo mu mwuka byo mu isi.

Ibi bituganisha ku gitangaza cya gatanu nita, “Icyemezo Gikomeye cyane mu isi.” Igihe Yesu yari ku isi, hari ijoro yamaze aganira n'umwigisha witwaga Nikodemo. (Yohana 3:1-21) Yesu yaramubwiye ati, “Ngiye kujya kumusaraba kuko ari jye mwana

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

w'Ikinege w'Imana, kandi ni jye gisubizo cy'Imana cy'ikibazo cy'icyaha kandi ni jye mukiza watanzwe n'Imana jyenye. Niba ubyemera, ntabwo uzacirwaho iteka. Ariko niba utabyemera, uzacirwaho iteka, utazira ibyaha byawe, ahubwo uzira ko utanyizeye.”

Bisa nkaho Imana yahaye isi kontura ikiza ubuzima. Yesu yasinyishije iyo kontura amaraso ye, ariko muri iyo kontura hari aho jyewe nawe tugomba gusinyisha kwizera. Ibi bituma icyemezo cyo kwizera ibyo Yesu yivuzeho kiba icyemezo gikomeye cyane muri iyi si, ndetse kikaba na kimwe mu bitangaza by'umwuka byo mu isi. Kuba icyemezo dufata ari cyo gishyira itandukaniro hagati y'ubugingo buhoraho no gucirwaho iteka bituma icyo cyemezo kiba ikindi gitangaza cy'umwuka cyo mu isi.

Umenya ute ko icyemezo wafashe ari cyo kikugenera aho uzaba ubuzira herezo? Mu rurimi rw'Ikigereki, ijambo rivuga “kwizera” ntabwo risobanuye kwemera mu mutwe gusa. Ntabwo ari ukuzunguza umutwe gusa ukavuga uti, “Ndabyizeye.” Nigeze kumva bisobanurwa gutya. Umuntu yarambuye umugozi muremure hejuru y'umugezi mugari cyane muri Amerika uwo mugenzi urawucikanisha. Maze atwarira igare kuri uwo mugenzi yambuka uwo mugenzi maze aragaruka. Abamurebaga bamukomera mu

mashyi cyane baramwozeza. Maze uwo mugabo arababaza ati, “Ni bande muri mwe bizera ko nakongera nkabikora ariko noneho hari umugenzi ntwayeho?” Benshi muri bo bazamura amaboko, maze atunga urutoki umwe muri bo maze aramubwira ati, “Urira tugende!” Undi nawe ati, oya ntabwo ari jye!” Maze uwo mugabo aramubwira ati, “Ubwo rero ntabwo ubyemera.”

Ijambo ry'Ikigereki rivuze “kwizera cyangwa kwemera” risobanuye “Kurira igare.” Ubaye ufite ubumuga cyangwa urwaye maze igihe uri mu nzu, iyo nzu igafatwa n'inkongi y'umuriro, maze hakaza umugizi wa neza kugira ngo agukure muri iyo nzu irimo gushya, byagusaba ko wemera akaguterura akagukura muri iyo nzu. Ni uku Bibiliya zimwe z'Isezera Rishya zisemura ijambo kwizera ryo ku murongo wa cumi na gatandatu w'igice cya gatatu cy'Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana. Haravugaga ngo, “Uwemera guterurwa na Yesu wese ntabwo azarimbuka, ahubwo azabona ubugingo buhoraho.” Wizera iyo wemeye burundu ko ukizwa no kwemera ko ibyo Yesu yavuze ko ari we Mwana w'Imana w'ikinege, ko ari we gisubizo kandi ko ari we mukiza, ari ukuri.

Mbese umenya ute ko wizeye by'ukuri? Igitangaza cya gatandatu cy'umwuka ni icyo nita, “Icyerekezo gikomeye cyane cyo mu isi.” Mu butumwa bwiza, handitse ko igihe cyose iyo umuntu yabwiraga

Igitabo #7: umuryango n’urushako (Igice cya 2)

Yesu ati, “Ndakwizeye,” Yesu yamubwiraga amagambo abiri. Ayo magambo abiri ni aya: “Ngwino unkurikire.” Iyo uwo muntu yumvaga ayo magambo, yamenyaga ko kugira ngo amukurikire, byamusabaga kuva mu buzima yari asanzwemo. Abenshi muri bo ntabwo babyemeraga. Bikagaragara ko batamwizeye by’ukuri.

Icyakora hari abantu bakeya bamwizeye kandi bakamukurikira. Basobanukiwe ko icyemezo cyo gukurikira Yesu ari cyo cyemezo gikomeye cyane mu isi. Yasezeranaga nabo isezerano, rigira riti, “Ngwino unkurikire nange nzaguhindura.” (Matayo 4:19) Iyo biyemezaga kumukurikira, maze bakamukurikira, yabahinduraga icyo yashakaga ko baba. Hashize imyaka mirongo itandatu, umwe muri bo yandika igitabo cya nyuma cyo muri Bibiliya agitura Yesu muri aya magambo, “Kuri we wadukunze akatugira abami n’abatambyi...” Ku Ntumwa Yohana, icyemezo cyo gukurikira Yesu cyari ikindi gitangaza cy’umwuka cyo mu isi.

Igitangaza cy’umwuka cya karindwi nkita, “Igikorwa gikomeye cyane mu isi.” Ntabwo ibi tubisobanukirwa neza, ariko Yesu yavuze ko iyo dufashe icyemezo cyo kumukurikira, tugira impinduka ikomeye imeze nko kongera ukavuka. Binyuze mu gitangaza cy’Imana, Umwuka Wera atura mu mibiri yacu, maze tukagira impinduka ikomeye cyane mu buzima bwacu. Uku kuvuka bushya,

Kristo kuba muri twe, biduha imbaraga dukeneye zo gukurikira Yesu.

Ibi ni byo bintu birindwi bitangaje cyane nzi. Umugambi ukomeye cyane mu isi, ubutane bukomeye cyane mu isi, urujijo rukomeye cyane mu isi, amagambo akomeye cyane mu isi, icyemezo gikomeye cyane mu isi, icyerekezo gikomeye cyane mu isi, n’igikorwa gikomeye cyane mu isi. Ibi mbyita, “Ibitangaza by’umwuka birindwi byo mu isi.”

Wafata icyemezo cyo kwerekeza mu cyerekezo cyo gukurikira Yesu Kristo maze ugahabwa na Yesu amahirwe yo kuvuka ubwa kabiri. Igitangaza cyo kuvuka ubwa kabiri gihera kuri icyo cyemezo cyo kwizera. Mbese waba ushaka gufata icyo cyemezo nonaha?

Kwemera ibi bitangaza birindwi by’umwuka biguha urufatiro rw’umwuka rwakubakira urushako rushimwa n’Imana. Wowe ubwawe ugomba kubanza kwakira ubuntu bukiza n’urukundo rwa Kristo mbere yuko ukundana n’uwo muzarushingana, kamere ya Kristo nagaragaje muri iyi nyigisho. Udafite uru rufatiro rw’umwuka, urushako rwawe ntabwo rwaba urushako Imana yagennye.

Igitabo #7: umuryango n'urushako (Igice cya 2)

Icyo ngusabira kandi nkwiifuriza ni uko Imana yagufasha gushyira mu bikorwa aya mahame mu rushako rwawe no mu muryango wawe, uhereye ku gukizwa kwawe n'umubano wawe bwite n'Imana.